
Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-77 TARIKI 13 - 19 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw



AMAKURU


Perezida Kagame yashimiye Hakainde Hichilema wishimiye kuba u Rwanda ruzakira F1



2

AMAKURU


Perezida Kagame yakiriye impapuro za ba Ambasaderi 5 bashya



5

AMAKURU


U Rwanda rwagaye RDC yitambitse Formula 1 bikay-ipfubana



6

IMYIDAGADURO

Bamwe mu byamamare bashen-guwe n'urupfu rw'umuhanzikazi Nyiranyamibwa



22

Icyo u Rwanda rwiteze ku banyeshuri rwohereje gutyaza ubumenyi muri Hongiriya

NTAWITONDA Jean Claude

Abanyeshuri bo mu Rwanda batangiye kubyaza umusaruro amahirwe y'imyanya 20 ya buruse Leta ya Hongiriya yabemereye muri gahunda yiswe 'Stipendium Hungaricum Scholarship Program', aho bahabwa amahirwe yo kwiga muri kaminuza zitandukanye zo muri icyo gihugu guhera ku cyiciro cya mbere cya kaminuza kugeza ku bashaka impamyabumenyi y'Ikirenga (PhD).

Ku wa Gatandatu, tariki ya 17 Ukwakira 2026, Ambasaderi w'u Rwanda muri Hongiriya Marguerite Françoise Nyagahura yakiriye abanyeshuri 14 boherejwe na Leta mu kwezi kwa Nzeri 2026, aho yabasabye gukora cyane, kudatezuka ku ntego no kuba ba ambasaderi beza b'u Rwanda muri Kaminuza boherejwemo.

Abo banyeshuri barimo abatangiye kwiga amasomo ajyanye n'iby'indege, ibijyanye n'ingufu za Nikeleyeri, ikoranabuhanga n'andi masomo atandukanye agezweho mu ruhando mpuzamahanga. Ambasaderi Nyagahura yabasabye kandi kwitegura gukoresha ubumenyi n'ubuhanga bakomeje

KOMEZA KU RUP.3



Abanyeshuri bagaragaje ko na bo bafite ubushake bwo kugaruka gutanga umusanzu mu iterambere ry' Urwababyaye

Urugomero rwa Nyabarongo II rugeze kuri 80% rwafunguye amahirwe y'Iterambere

NGABOYABAHIZI Protais

Abaturage bo mu Turere twa Nyarugenge, Rulindo, Gakenke, Muhanga, Kamonyi, Nyabihu, Ngororero na Musanze, bategerezanyije amatsiko amahirwe y'iterambere bazazanirwa n'umushinga wa Nyabarongo II ugeze ku kigero kiri hejuru ya 80% wubakwa.

Urugomero rwa Nyabarongo II rwitezweho kongera amashanyarazi Igihugu gifite kuko ruzatanga Megawati 43,5 ndeyse rukanateza imbere ubuhinzi bwifashisha kuhira imyaka no gufasha abaturage kubona amahirwe mashya y'ubukungu.

Uretse gutanga amazi uru rugomero rwubatswe kuri kilometero 68 ruzafasha no gucunga neza amazi hagamijwe kugabanya ingaruka z'imyuzure.

Ku baturage, inyungu z'uyu mushinga zitezwe kugaragarira mu kongera umusaruro w'ubuhinzi, guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi no kurushaho kunoza imibereho y'imiryango yabo.

Abahinzi bazabona amazi yo kuhira bashobora kubona amahirwe yo guhinga mu bihe bitandukanye by'umwaka, aho ibikorwa remezo byo kuhira bizaba byashyizweho kandi amazi akaboneka ahagije.

Mutuyimana Didacienne wo mu Karere ka Gakenke avuga ko yiteze ko amazi azaturuka kuri uru rugomero azafasha abahinzi kongera umusaruro w'imboga n'imbuto by'umwihariko ku butaka bw'imisozi.


Yagize ati: "Uru rugomero nirumara kuzura bizatuma tutongera guhura n'amapfa kuko tuzabona amazi azadufasha kuvomerera imyaka yacu. Muri kano gace kacu guhinga imboga byari ingorabahizi mu gihe cy'icyi. Ubu kubera ko amazi agiye kuzaba ari hano, nta mboga n'imbuto bizongera kubura hano. Ibi rero bizatuma tubona amafaranga dukura mu kugemura imboga n'imbuto i Kigali."

KOMEZA KU RUP.3

Perezida Kagame yashimiye Hakainde Hichilema wishimiye kuba u Rwanda ruzakira F1

SHEMA Ivan

Perezida wa Repubulika yu Rwanda Paul Kagame yashimiye mugenzi we wa Zambia Hakainde Hichilema wishimiye kuba u Rwanda rugiye kwakira Formula One (F1) mu gihe cy'imyaka 10 guhera mu 2030.



Perezida Paul Kagame yashimiye mugenzi we wa Zambia Hakainde Hichilema wishimiye kuba u Rwanda ruzakira Formula One

Mu butumwa yashyize ku rubuga rwa X ku wa 15 Ukwakira 2026, Perezida Kagame yashimiye Hichilema washimiye u Rwanda, ashimangira ko iyi ari intambwe ikomeye ku Rwanda na Afurika muri rusange.

Yagize ati: "Urakoze cyane muvandimwe wanjye Perezida Hakainde Hichilema. Iyi ni intambwe ikomeye ku Rwanda n'umugabane wa Afurika muri rusange. Dutegereje kuzakorana namwe ndetse n'abandi bavandimwe na bashiki bacu bo muri Afurika, kugira ngo iri rushanwa rya Grand Prix rizagende neza kandi ribe ishema ry'Umugabane wose."

Ubu butumwa bwa Perezida Kagame bwari igisubizo ku bwo Perezida Hakainde Hichilema yari yashyize kuri X kuri uyu wa Kane, ashima u Rwanda ku bw'amasezerano rwahawe yo kwakira 'Formula 1 African Grand Prix' mu gihe cy'imyaka 10 guhera mu mwaka wa 2030.

Ati: "Muvandimwe wanjye, Perezida Paul Kagame n'Abanyarwanda bose ku bwo kugerwaho kw'amasezerano yo kwakira isiganwa rya 'Formula 1 African Grand Prix' mu Rwanda. Iyi ni intambwe ikomeye mu mateka, igaragaza umuhate, icyerekezo n'umurava mu kazi karangwa n'ubunyamwuga. Zambia isangiye n'u Rwanda ishema n'ibyishimo by'iyi ntambwe ikomeye ku Rwanda no ku mugabane wa Afurika muri rusange."

Ku wa 13 Ukwakira 2026, ni bwo ubuyobozi bw'Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Imikino y'Imodoka (FIA) bwemeje ko u Rwanda ruzakira 'Formula 1 African Grand Prix' mu gihe cy'imyaka 10, guhera mu ntangiriro za 2030.

Hari hashize igihe u Rwanda rutanze ubusabe ko rwifuza kuzakira rimwe mu masiganwa y'imodoka nto akomeye ku Isi ya 'Formula One (F1)', dore ko hashize imyaka 33 iri rushanwa ritagera muri Afurika, aho iryaherukaga ryakiriwe na Afurika y'Epfo.

Kwakira iri rushanwa byitezweho kuzagira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubukerarugendo, ubucuruzi, ishoramari n'ibikorwa remezo bya siporo mu Rwanda no kugaragaza isura yagutse y'iterambere rya Afurika muri rusange.

Amb. Ngoga yasabye Loni gufata iya mbere mu kurwanya urwango n'abahakana Jenoside

TWAGIRA Wilson

Ambasaderi Martin Ngoga, uhagarariye u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye (Loni), yasabye umuryango mpuzamahanga gufata iya mbere mu kurwanya imvugo z'urwango, guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse no kwimakaza ubutabera no gukumira ko Jenoside yakongera kubaho.



Amb. Ngoga Martin yasabye Loni gufata iya mbere mu kurwanya urwango n'abahakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Yagaragaje ko kwibuka Jenoside bidakwiye kugarukira ku mihango yo kwibuka no gutangaza raporo, ahubwo bikwiye gutanga umusaruro ugaragara mu burezi, guhindura imyumvire no gufata ingamba zihamye zo gukumira Jenoside.

Ibi Ambasaderi Ngoga yabivugiye mu Nteko Rusange ya Loni yabereye i New York ku wa 12 Ukwakira 2026, mu biganiro byibanze ku kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, iterambere rirambye ry'Afurika n'amahoro arambye kuri uyu Mugabane.

Nyuma y'imyaka 32, amasomo yavuye kuri Jenoside akwiye gushyirwa mu bikorwa

Mu butumwa bwe, Ambasaderi Ngoga yashimye ibikorwa bya Loni bigamije kwibuka, kwigisha no gukumira Jenoside yakorewe Abatutsi, agaragaza ko nyuma y'imyaka 32 habaye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni, ari ngombwa gusuzuma amasomo yayivuyemo n'uko yakwigishwa no gushyirwa mu bikorwa. Yagize ati: "Mu by'ukuri, ni ayahe masomo twakuyemo, ni iki twungutse, kandi ayo masomo ayobora ate ibikorwa byacu uyu munsi?"

Yasobanuye ko iminsi mpuzamahanga yo kwibuka 'Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994', iyakorewe Abayahudi (Holocaust) na 'Jenoside yabereye i Srebrenica' ikwiye kugira umusaruro ugaragarira mu guhindura imyumvire, gushimangira uburezi no gufata ingamba zo kurwanya no gukumira Jenoside.

Ambasaderi Ngoga yavuze ko hakiri ikibazo cy'abantu bakorerwa ivangura n'itotezwa bazira ubwoko, ururimi cyangwa imyemerere yabo. Yagaragaje kandi ko guhakana Jenoside, gusingiza abayirokotse bikomeje kugaragara, haba ku mbuga nkoranyambaga cyangwa mu bundi buryo bw'itumanaho.

Yakomeje kwibutsa ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yateguwe, ishingiye ku ivangura, ibikorwa byo gutesha abantu agaciro no gukwirakwiza imvugo zishingiye ku rwango.

Yavuze ko mu 1994 ibitangazamakuru birimo Radio byakoreshejwe mu gukwirakwiza urwango no gushishikariza abantu gukora urugomo, mu gihe muri iki gihe imbuga nkoranyambaga n'ikoranabuhanga rishya bituma ubutumwa bw'urwango bukwirakwira vuba.

Abasaga 1 000 bakekwaho Jenoside baracyashakishwa

Ambasaderi Ngoga yavuze ko u Rwanda rugikomeje gushakisha abantu basaga 1 000 bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakomeje kwihisha ubutabera mu bihugu bitandukanye, Nyuma y'imyaka isaga 32 ibaye. Yagize ati: "Twakwibuka dute abazize Jenoside, mu gihe abakekwaho gukora ibyo byaha bakomeje kwihisha ubutabera?"

Yashimiye ibihugu byafashije u Rwanda kugeza imbere y'ubutabera abakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu. Yasabye kandi ibihugu gukomeza ubufatanye mu butabera, kurwanya ihakana n'ipfobya rya Jenoside no kurinda abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umutungo w'Afurika ugirire akamaro abaturage

Ku bijyanye n'iterambere ry'Umugabane wa Afurika, Ambasaderi Ngoga yavuze ko raporo y'Umunyamabanga Mukuru wa Loni igaragaza ko ikibazo cy'uyu Mugabane kitagarukira ku kubura umutungo kamere, ahubwo ko gikubiyemo n'ubushobozi buke bwo kuwubyaza umusaruro, kuwugumana no kongera kuwushora mu bukungu bw'ibihugu.

Iyo raporo igaragaza ko igihombo n'amahirwe y'ubukungu atabyajwe umusaruro muri Afurika bigera kuri miliyari 2,1 z'amadolari ya Amerika, mu gihe ishoramari ritaziguye ry'amahanga ryageze kuri miliyari 97 z'amadolari, mu gihe inkunga y'iterambere ari miliyari 42 z'amadolari ya Amerika mu 2024.

Icyo u Rwanda rwiteze ku banyeshuri rwohereje gutyaza ubumenyi muri Hongiriya

IBIKURIKIRA URUP.1

kunguka batanga umusanzu wabo mu iterambere ry'u Rwanda.

Yatangiye ababaza ati: "Ni iki Igihugu cyacu kitwitezeho? Ni izihe nshingano zanyu nk'Abanyarwanda mwaje mu mahanga muje guhaha ubumenyi?"

Yakomeje avuga ko kugira ngo u Rwanda rutere imbere rukeneye abakozi b'abahanga mu nzego zitandukanye uhereye mu bijyanye n'indege no gutwara abantu n'ibintu mu kirere, mu birebana no guteza imbere ingufu za Nikeleyeri ndetse n'ikoranabuhanga rigezweho rishyigikira imishinga yose y'iterambere mu nzego zitandukanye.

Yagize ati: "Urugero nk'uyu mwaka, dufite abanyeshuri baje kwiga gutwara indege, abaje kwiga gutunganya ingufu za Nikeleyeri n'izindi nzego zitandukanye zifite aho zihurira n'Ingamba z'iterambere u Rwanda rushyize imbere. Izo nzego zose zisaba Abanyarwanda b'abahanga. Inshingano zanyu ni uguhora mwiyibutsa ko mwahawe amahirwe akomeye yo kwiga hano. Nimusoza amasomo yanyu, u Rwanda ruzaba rubategereje ngo mukoreshe ubumenyi n'ubuhanga mwungutse mu nyungu z'Igihugu."



Ambasaderi w'u Rwanda muri Hongiriya Margueritte Françoise Nyagahura yasabye abanyeshuri kuzahesha ishema u Rwanda

Abo banyeshuri bakiriwe uko ari 14, bagize icyiciro cya gatandatu cy'abahawe buruse zo kwiga muri Hongiriya guhera mu mwaka wa 2021, bakaba barimo babiri bagiye gusoza Icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza (A0), barindwi bakomeje ay'Icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Master's) ndetse n'abaharanira gucyura Impamyabumenyi y'Ikirenga (PhD).

Ange Pamela Umwali, umwe muri abo banyeshuri watangiye kwiga amasomo y'Icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza mu birebana na Siyansi yo gutwara indege kinyamwuga muri Kaminuza ya Nyíregyháza, yizeye ko azagarukana mu Rwanda ubumenyi n'ubunararibonye buzamufasha gutanga umusanzu ntagereranywa mu rwego rw'iby'indege.

Yagize ati: "Nizeye kuzagaruka mu Rwanda mfite ubumenyi, ubuhanga n'ubunararibonye bikenewe ngo nzatange umusanzu ukomeye mu rwego rw'indege mu Gihugu cyacu."

Umwali avuga ko yabanje gukora muri RwandAir imyaka itatu mbere yo kwerekeza muri Hongiriya, akaba anafite icyizere cyo kuzarushaho gutera umwete abakobwa bakiri bato wo gukurikirana amasomo mu by'indege.

Yakomeje agira ati: "Mu by'ukuri ndashaka kwereka abakobwa bakiri bato ko kuba umupilote ari inzozi bageraho. Ninunguka ubumenyi n'ubushobozi bukenewe, nizeye ko nzafasha mu kongera umubare w'abakobwa mu rwego rw'iby'indege, by'umwihariko abapilotekazi."

Gilbert Rukundo, witeguye gutahana PhD ayikuye muri Kaminuza yitiriwe John von Neumann kandi akaba, yizeye kuzana mu Rwanda ubumenyi bwisumbuye mu rwego rw'iby'indege.

Uyu musore ufite ubunararibonye bw'imyaka icyenda yamaze akora muri RwandAir, ahamya ko ubumenyi azakura muri Hongiriya buzamufasha kurushaho kunoza ibikorwa by'ubwikorezi bwo mu kirere mu Rwanda no kurufasha kugera ku cyerekezo cyo kuba igicumbi cy'ubwikorezi bwo mu kirere muri Afurika.

Yagize ati: "Ndashaka guhindura ubumenyi nzungukira muri Hongiriya nkabukuramo ibisubizo bifatika bishyigikira RwandAir, no kunoza imikorere iganisha ku gushyigikira icyerekezo cy'u Rwanda cyo kuba igicumbi cy'Akarerere mu by'indenge."

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amashuri makuru na Kaminuza (HEC) igaragaza ko u Rwanda rukoresha hafi miliyari 19 z'amafaranga y'u Rwanda mu kohereza abanyeshuri kwiga mu mahanga, mu nzego z'ingenzi zirimo ubuvuzi, ingufu za Nikeleyeri, iby'indege, iby'isanzure, ubuhinzi ndetse n'ikoranabuhanga.

Urugomero rwa Nyabarongo II rugeze kuri 80% rwafunguye amahirwe y'Iterambere

IBIKURIKIRA URUP.1

Abaturage bakora ubucuruzi n'imirimo icirititse na bo bavuga ko bazungukira ku mashanyarazi abafasha gukoresha ibikoresho bitandukanye, kunoza serivisi batanga no guteza imbere ibikorwa bibinjiriza amafaranga.

Rukundo Edson wo muri Kamonyi yiteze ko umushinga uzagira uruhare mu kongera amashanyarazi no kubafungurira amahirwe y'akazi.

Yagize ati: "Ubu amashanyarazi agiye kujya yiyongera kuko aya aje kunganira ayo kuri Ntaruka n'andi yo mu bindi bice twakoreshaga nk'Abanyarwanda. Ikindi, uru rugomero ruzatanga akazi mu buryo buhoraho, nk'uko kuri ubu bamwe batangiye kubona imirimo. Iki ni igikorwa cy'ingirakamaro kandi cy'iterambere."

Habamenshi Jean Baptiste na we avuga ko amashanyarazi ahagije ashobora gufasha abanyabukorikori n'abandi bacuruzi kongera umusaruro no kunoza serivisi batanga.

Yagize ati: "Amashanyarazi ahagije azatuma twongera amasaha yo gukora, imashini zacu zizajya zikora zizeye umuriro uhagije cyane cyane nk'abanyabukorikori, ababaji n'abacuzi, kimwe na za firigo zacu zizabona umuriro uhagije kuko na byo biba bikenewe kugira ngo dukonjeshe ibicuruzwa."



Imirimo yo kubaka Urugomero rwa Nyabarongo II ikomeje kwihutishwa, abaturage biteguye kurubyaza umusaruro

Ikigega cy'amazi kizaremwa na NyabarongoII na ko cyitezwho kizaba gifite ubushobozi bwo kubika metero kibe miliyoni 800 z'amazi, ayo mazi akazifashishwa mu kuhira imyaka no mu bindi bikorwa by'iterambere. Biteganyijwe kandi ko ikiyaga kizagira uruhare mu guteza imbere ubwikorezi bwo mu mazi igihe ibiko rwaremezo n'ingamba z'umutekano bizaba byujujwe.

Uwitwa Kamali Théoneste wo mu Karere ka Gakenke yizeye ko ikiyaga kizaba cyavutse kuri uru rugomero gishobora no gukurura ba mukerarugendo, bigatuma haboneka amahirwe mu bukerarugendo n'amacumbi.

Yagize ati: "Uru rugomero ruzateza imbere ubukerarugendo kuko hazaba hari ikiyaga. Aha rero tuzashyiraho amacumbi acirititse n'amahoteli, kuko byanga bikunda aha hantu hazasurwa cyane n'abakerarugendo n'abandi bazaba bashaka kuruhuka."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice asaba abaturage gukomeza kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere, bakitegura kubyaza umusaruro amahirwe azaturuka ku rugomero rwa Nyabarongo II, cyane cyane mu buhinzi, ubucuruzi no guteza imbere imibereho yabo.

Guverineri Mugabowagahunde ashishikariza abaturage kutazatege gereza gusa ko umushinga urangira, ahubwo ko bakwiye gutangira gutekereza ku bikorwa bazakora kugira ngo umushingabuzarangire na bo batangira ibikorwa byabo cyangwa baranabitangiye.

Yagize ati: "Turashishikariza abaturage kwitegura hakiri kare kugira ngo Nyabarongo II izabafashe kwiteza imbere. Abakora ubuhinzi bakwiye gutekereza ku buryo bazongera umusaruro wabo, abandi bagashaka ibitekerezo by'imishinga mito n'icirititse bashobora guteza imbere, bakabyaza umusaruro amahirwe azaturuka kuri uyu mushinga."

Akomeza asaba abaturage kubungabunga ibikorwa remezo bagenda bahabwa, birimo imihanda, ibikorwa by'amazi n'ibindi byubakwa hagamijwe kunoza imibereho yabo, kuko kubirengera no kubifata neza bituma biramba kandi bigakomeza kubagirira akamaro.

Yagize ati: "Iterambere ntirigarukira ku kubaka ibikorwa remezo gusa, ahubwo risaba ko n'abaturage babigira ibyabo, bakabibungabunga kandi bakirinda ibikorwa byose byabyangiza. Iyo ibikorwa remezo bibungabunzwe neza, bikomeza gufasha abaturage mu gihe kirekire no kubagezaho serivisi bakeneye."

Guverineri Mugabowagahunde ashimangira ko uruhare rw'abaturage, ubufatanye n'inzego z'ubuyobozi ndetse no kubungabunga ibidukikije ari bimwe mu bizafasha ko inyungu zitegerejwe kuri Nyabarongo II zigira uruhare rurambye mu iterambere ry'abaturage.

Nyabarongo II ni umushinga witezweho kuzura utwaye u Rwanda miliyari zisaga 320 z'amafaranga y'u Rwanda, hatabariwemo amafaranga asaga miliyari 70 yagenewe kwimura abaturage bagize imiryango 3 400.

Igihugu cyari cyatewe – Dr. Nsanzimana avuga ku nzoga zitujuje ubuziranenge



Abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda mu biganiro bigamije kurwanya ibyuma

TWAGIRA Wilson

Abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda (NFPO), ku wa Kane tariki 15 Ukwakira 2026 bagiranye ibiganiro na Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana abasobanurira uburemere bw'ikibazo cy'ibinyobwa n'ibiribwa bitujije ubuziranenge n'uburyo ari igitero gikomeye cyagabwe ku Rwanda.

Yagaragaje ko inzoga zitujuje ubuziranenge zamamaye ku izina ry'ibyuma zari zifite ingaruka zikomeye ku buzima bw'abaturage by'umwihariko ku rubyiruko, azigereranya n'igitero cyari kigabwe ku gihugu ashingiye ku ngero zabaye mu mateka aho ibiyobyabwenge byagiye byifashishwa mu bitero bigamije koreka ibihugu.

Yagarutse ku rugero rw'intambara zishingiye ku biyobyabwenge bya Opium zagabwe ku bwami bw'u Bushinwa bwitwaga Quin mu kinyejana cya 19 mu mirwano yabuhuzaga n'ibihugu by'u Bwongereza n'u Bufaransa byari bikomeye icyo gihe.

Yagize ati: "Igihugu cyari cyatewe. Mu mateka y'Isi hari bimwe mu bihugu byagize ikibazo cy'ubukungu, ndetse n'urubyiruko rurimo abakiri bato bazahajwe n'izo nzoga kubera ikibazo cy'ubusinzi hamwe n'ibiyobyabwenge, ayo mateka tujye tuyigiraho."

Minisitiri w'Ubuzima yavuze ko igitero nk'icyo ku Bushinwa, ikiyobyabwenge cya opium cyinjizwaga mu Bushinwa giciye mu Buhinde kugeza ubwo abaturage bakinyoye bakabura imbaraga zo kurwanya ba gashakabuhake. Akomeza agira ati: "Rero tugomba kwigira ku mateka kuko n'uwashaka kurwanya u Rwanda ni yo nzira yanyuramo…"

Bamwe mu bagize iryo huriro, bagaragaje impungenge ku bijyanye n'ibinyobwa bitujuje ubuziranenge nka bimwe mu byiswe "ibyuma" cyangwa inzoga/ibinyobwa bifite inkomoko idasobanutse cyangwa ibitemewe mu masoko, banenga zimwe mu nzego zishinzwe gutanga ibyangombwa zisa n'izadohotse mu birebana no kugenzura ubuziranenge bw'ibinyobwa, basaba ko zahabwa ubushobozi zigakora neza kurushaho.

Hon. Mukama Abbas yagize ati: "Abashinzwe gukora igenzura bagombye kuba barafashe umwanya bagasuzuma neza niba etiketi, cyangwa ibirango byanditse ku cyinyobwa bijyanye n'ibyo baherewe uburenganzira gukora, urebye neza wasanga harimo icyuho cya ruswa kandi na yo ubwayo ni ikibazo."

Hon. Mukabaramba Alvera, na we asanga inzego zifite mu nshingano gutanga ibyemezo by'ubuziranenge zagombye kuba zarashishoje mbere, nyuma yo kubona inganda zikora inzoga zitemewe zikomeza kwiyongera.

Ati: "Kuba inganda zikora ibyuma zarakomeje kwiyongera nk'aho ari inganda zikora amasabune cyangwa imyenda, iyo hadafatwa ibyemezo byo guhagarika izo nzoga byari kwiyongera cyane bikagera no kuri magana atanu. Umugenzuzi w'imari ya Leta azinjire muri iki kibazo."

Imibare itangwa na Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ko mu mezi atandatu ya mbere ya 2026, abantu barenga 500 bari bamaze kugana amavuriro nyuma yo kunywa inzoga zitujuje ubuziranenge, naho abarenga 50 bari barapfuye.

Dr. Nsanzimana aheruka gutangaza ko abagera ku 100 bahumye burundu, mu gihe abandi bagize ibibazo by'ubwonko, umwijima n'izindi ngingo.

Minisitiri Nduhungirehe yanyuzwe n'ibiganiro yagiranye na Perezida wa Mali

SHEMA Ivan

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Ambasaderi Olivier Nduhungirehe, yakiriwe na Perezida wa Mali, Gen. Assimi Goïta, baganira ku kwagura ubufatanye hagati y'ibihugu byombi n'uburyo bwo gukomeza gukorana mu guhangana n'ibibazo by'umutekano.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe wari mu ruzinduko rw'akazi i Bamako, yakiriwe na Gen. Assimi Goïta ku gicamunsi cyo ku wa 13 Ukwakira 2026.

Mu butumwa Minisitiri Amb. n'Urwibutso rwa Modibo Keïta, Perezida wa mbere wa Mali wayoboye iki gihugu kuva mu 1960 kugeza mu 1968.

Izo nyubako zifite amateka akomeye mu muco no mu mateka ya Mali zatumye agira amahirwe yo kurushaho kumenya umurage w'icyo gihugu, by'umwihariko uruhare rwacyo mu gitekerezo cyo kwishyira hamwe kw'ibihugu n'abaturage ba Afurika (Pan-Africanism).

Yasobanukiwe kandi impinduka za politiki n'imibereho byaranze Mali kuva yabona ubwigenge mu 1960.



Minisitiri Amb. Nduhungirehe Olivier yashimangiye ko ubufatanye bw'ibihugu byombi bukwiye kugera no mu bikorera

Nduhungirehe yanyujije ku rubuga rwe rwa X, yavuze ko ibiganiro yagiranye na Perezida Gen. Assimi Goïta byibanze ku mubano w'ibihugu byombi n'uburyo bwo gukomeza gukorana mu guhangana n'ibibazo by'umutekano.

Yagize ati: "Ku gicamunsi i Bamako, nanyuzwe no kwakirwa na Nyakubahwa Jenerali Assimi Goïta, Perezida w'Inzibacyuho akaba n'Umukuru w'Igihugu cya Mali. Twaganiriye ku mubano urangwa hagati ya Mali n'u Rwanda, ku mutekano w'Uturere twacu twombi, ndetse no ku kwihuza kwa Afurika."

Nyuma yo kugirana ibiganiro na Perezida Assimi Goïta, Minisitiri Nduhungirehe yasuye Ingoro Ndangamurage ya Mali Modibo Keïta yabaye Perezida wa mbere wa Mali nyuma yo kubona ubwigenge, ayobora igihugu kugeza mu 1968, ubwo ubutegetsi bwe bwahirikwaga n'igisirikare.

Urwo ruzinduko rwabaye mu gihe umubano w'u Rwanda na Mali ukomeje kwaguka. Ibihugu byombi bimaze gusinya amasezerano agera kuri 20 mu nzego zitandukanye, ndetse byiyemeje kurushaho guteza imbere imikoranire n'ubuhahirane.

Biteganyijwe ko mu 2027 Mali izakira inama ya kabiri ya Komisiyo Ihuriweho y'ibihugu byombi, ikazahuzwa n'inama y'ubucuruzi, hagamijwe gushyira iterambere ry'ubukungu mu nkingi z'ingenzi z'umubano w'ibihugu byombi.

Perezida Kagame yakiriye impapuro za ba Ambasaderi 5 bashya



Amb. Henrik Nilsson ni we ugiye guhagararira Ubwami bwa Suède mu Rwanda



Ambasaderi El Houssein Ould Nagi uzaba ufite icyicaro i Addis Ababa yatanze impapuro zimwerera guhagararira Mauritania mu Rwanda



Huh Junga yatanze impapuro zo kuba Ambasaderi wa Repubulika ya Koreya mu Rwanda



Amb. Tinyiko George Hlungwane wa Afurika y'Epfo yashyikirije Perezida Kagame impapuro zimwemerera gutangira inshingano ze mu Rwanda



Jérémie Blin yatangiye inshingano zo guhagararira Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi mu Rwanda

SHEMA Ivan

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye impapuro zemerera ba Ambasaderi bashya 5 guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda barimo uwa Suede, Afurika y'Epfo, Koreya y'Epfo, Mauritania n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU).

Ni umuhango wabereye mu Biro y'Umukuru w'Igihugu (Village Urugwiro ku wa 16 Ukwakira 2026. Abo barimo Ambasaderi w'Ubwami bwa Suède mu Rwanda, Henrik Nilsson na Ambasaderi wa Repubulika ya Koreya, Huh Junga, uwa Afurika y'Epfo mu Rwanda, Tinyiko George Hlungwane.

Afurika y'Epfo yaherukaga kugira ambasaderi mu Rwanda mu mpera za 2024, ubwo Mandisi Bongani Mabuto Mpahlwa wari uhagarariye iki gihugu yari yushije ikivi cye. Yari yarageze mu Rwanda mu 2020.

Undi washyikirije Perezida Kagame impapuro ni Jérémie Blin uhagarariye Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi. Yasimbuye Belén Calvo Uyarra wari umaze igihe ahagarariye EU mu Rwanda, warangije manda ye.

Mu gihe yari ahagarariye EU mu Rwanda, Belén yagize uruhare mu bikorwa bigamije guteza imbere umubano w'impande zombi mu nzego zitandukanye zirimo iterambere rirambye, ubukungu, imiyoborere, uburezi n'izindi gahunda zigamije kuzamura imibereho y'abaturage.

Jérémie Blin asanzwe afite uburambe mu mirimo ya dipolomasi, aho yabaye Ambasaderi w'u Bufaransa mu Burundi ndetse aba Chargé d'Affaires muri Ambasade y'u Bufaransa mu Rwanda. Umubano hagati y'u Rwanda n'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ukomeje kwaguka mu nzego zitandukanye.

Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ni umwe mu bafatanyabikorwa bakomeye b'u Rwanda, aho ukorana na rwo mu nzego zirimo iterambere rirambye, ubukungu, imiyoborere, uburezi ndetse n'izindi gahunda zigamije guteza imbere imibereho y'abaturage.

Hari kandi Ambasaderi El Houssein Ould Nagi waje guhagararira Mauritania mu Rwanda uzaba afite icyicaro i Addis Ababa. Abandi bane bafite icyicaro i Kigali.

U Rwanda rwagaye RDC yitambitse Formula 1 bikayipfubana

NTAWITONDA Jean Claude

U Rwanda rwanenze Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) yababajwe n'uko rwahawe kwakira amasiganwa mpuzamahanga y'imodoka nto (Formula One), bikayibera ikibazo gikomeye mu gihe yirengagije ibirego u Bubiligi bukurikiranye kuri Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo n'abo mu muryango we bishingiye ku byaha bya ruswa, kwigwizaho umutungo, iyezandonke no gusahura imitungo kamere yo muri Congo bayibika mu Bubiligi.



U Rwanda rwanenze RDC yababajwe n'uko rwahawe kwakira amasiganwa mpuzamahanga y'imodoka nto (Formula One)

Ku ruhande rumwe, Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma, Imiryango Mpuzamahanga n'abaturage bo ku migabane itandukanye bagaragaje ko bifatanyije mu byishimo n'u Rwanda rufite rwo gushyira umukono ku masezerano y'imyaka 10 yo kwakira iryo siganwa guhera mu mwaka wa 2030.

Ku rundi ruhande, RDC yigeze kwitambika ibiganiro igaragaza ko u Rwanda rudakwiye kwakira iryo siganwa, yababajwe n'uko ibyo yaharaniye bitagezweho Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wayo Kayikwamba Wagner yavuze ko isura nziza iryo siganwa rifite izangirika ku Isi.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Amb. Nduhungirehe Olivier yibukije Minisitiri Kayikwamba ko bafite ibibazo biremereye cyane kurusha guhangayishishwa n'isura ya Formul One.

Yagize ati: "Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC akwiye kuba ahangayikishijwe n'iperereza ry'u Bubiligi rikomeje gukorwa kuri Perezida Tshisekedi n'umuryango we ku byaha birimo kwigwizaho umutungo no gusahura amabuye y'agaciro y'i Katanga, aho guhangayikishwa n'inkuru zivuga ku ntsinzi z'ibihugu by'abaturanyi."

Mu nkuru yatangajwe na Aljazeera ku wa Kane tariki ya 15 Ukwakira, Minisitiri Kayikwamba yikomanze ku gatuza agaragaza ko yaganiriye n'Umuyobozi wa Formula 1, Stefano Domenicali n'abo bayoborana, ababurira ko nibemerera u Rwanda kwakira aya marushanwa bizabasiga icyasha kuko bitazaba bijyanye n'imico mbonera, ariko bamutera utwatsi.

Muri iyo nkuru, Minisitiri Kayikwamba yagize ati: "Muri Gashyantare 2025, naburiye Stefano Domenicali n'abandi bayobozi ba F1 ko kwemerera u Rwanda kwakira 'African Grand Prix' bizaba binyuranye n'imico mbonera. RDC yakiriye neza kuba Formula 1 yagarutse muri Afurika ariko guha Paul Kagame uru rubuga bishobora gutera icyuhagiro uyu muyobozi w'umunyagitugu Guverinoma ye yafashije gukongeza intambara mu gihugu cyacu."

Ibyo birego bya Leta ya Congo si ubwa mbere bitewe utwatsi kuko iki gihugu cyitambitse amasezerano u Rwanda rwagiranye n'amakipe atandukanye mu bijyanye no kwamamaza ubukerarugendo bw'u Rwanda no guteza imbere umukino w'umupira w'amaguru muri Afurika.

Mu makipe RDC yinjiriye bikaba iby'ubusa harimo Arsenal, Paris Saint Germain, Bayern Munich, na Atletico Madrid. Uretse amakipe kandi, yagerageje kwitambika amasezerano y'imikoranire mu kwakira abimukira, ariko na byo ntibyagira icyo bitanga.

Igitangaje ni uko ibyo yarwanyaga ku Rwanda, Congo yabyiganye igerageza kubikorana n'amakipe arimo FC Barcelone yo muri Espagne na AS Monaco yo mu Bufaransa bikarangira bitayihiriye.

Impuguke mu bya Politiki yo mu Karere k'Ibiyaga Bigari, zisesengura iyo myitwarire nk'ishingiye ku ishyari, urwango no kutabasha kwakira ko u Rwanda batifuriza ibyiza birangira rugeze ku birenze ku byo batekerezaga.

Mozambique: Abanyarwanda bakoze Umuganda w'amasaha 6 basukura Maputo



Abanyarwanda baba muri Mozambique bifatanyije n'abaturage baho mu muganda

IMVAHO NSHYA

Ku wa Gatandatu tariki ya 17 Ukwakira 2026, mu Karere ka KaMaxakeni (KaMaxaquene) mu Mujyi wa Maputo muri Mozambique, Abanyarwanda baba muri icyo gihugu bifatanyije n'abaturage baho mu Muganda w'isuku wamaze amasaha atandatu.

Ni Umuganda witabiriwe n'abarenga 250 wabereye ku muhanda uva ku isangano (round about) rya Xiquelene werekeza ahitwa Praça dos Heroes, watangiye saa moya n'igice za mugitondo (7h30') ugasozwa saa sita na mirongo ine n'itanu (12h45').

Nyuma y'uwo Muganda hakurikiyeho ibiganiro, aho Abanyarwanda bashimiwe icyo gikorwa bafatanyije n'abaturage ba Mozammbique aho babafashije gusukura umujyi wabo.

Madamu Maria Mariana, Umuyobozi w'Akarere ka KaMaxakeni, yashimiye Abanyarwanda ku rugero rwiza rw'isuku babahaye, ashimangira ko bazakomeza gukora igikorwa cyiza cy'Umuganda.

Sérgio Zita, Umuyobozi w'Ikigo gishinzwe Isuku mu Mujyi wa Maputo, na we yashimiye abitabiriye ndetse avuga ko ari urugero rwiza bahawe, kuko bo bumvaga bidashokoboka ko haboneka umusaruro w'Umuganda ungana nk'uwo babonye.

Yakomeje asaba abaturage b'i Maputo ko icyo gikorwa bajya bagikora buri kwezi nk'uko bikorwa mu Rwanda.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Mozambique, Col. (Rtd). Donat Ndamage yashimiye abitabiriye Umuganda bose, ati: "Igikorwa cyagenze neza ubutaha mugomba gutegura ibikorwa bishingiye ku hantu mutuye. Ubwitabire burashimishije ariko ubutaha tuzongereho."

Yashimiye ubuyobozi bw'Umuryango w'Abanyarwanda baba muri Mozambique (RCA Mozambique) uko bakoze ubukangurambaga mu gutegura uyu Muganda, abasaba ko na siporo yategurwa neza na yo ikazagira ubwitabire bushimishije.

Yasoje abasaba gukomeza kubana neza n'Igihugu cyabakiriye, gukurikiza amategeko kigenderaho cyane cyane arebana n'ibyangombwa, no gukomeza gusigasira indangagaciro z'umuco nyarwanda.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Ijambo ry'Ibanze

Kongera ubumenyi ntibikwiye kuzitirwa n'imyaka

Mu mwaka wa 2022, Gasigwa Ezéchias wo mu Karere ka Nyamasheke wari mu kigero cy'imyaka 80 y'amavuko, yatunguye benshi ubwo inkuru ye yakwirakwiraga ku mbuga nkoranyambaga ku bw'icyemezo cyo gusubira ku ishuri yafashe ahereye mu mashuri abanza.

Muri uyu mwaka wa 2026, na bwo hatangajwe inkuru ya Cyarikora Rosette w'imyaka 53 wasoje amashuri yisumbuye yasubukuye mu myaka ine ishize agamije kongera ubumenyi bwamufasha kurushaho kunoza ubucuruzi bwe.

Kuri iyo myaka, hari abumva ko gusubira ku ishuri ari uguta umwanya mu gihe abandi babibona nk'ubutwari kuko nta herezo ryo kwiga ribaho. Nk'uko bigenda no ku rindi terambere ryose, umuntu ashobora kugira inzozi zo kwiga ariko ntazigereho igihe yabiteganyaga.

Hari abatabasha kwiga cyangwa bagahagarika amashuri kubera impamvu n'ibibazo bitandukanye. Icyakora, kuba umuntu yaravuye mu ishuri akiri muto ntibivuze ko amahirwe yo gukomeza kwiga aba arangiye burundu, bityo abahitamo gusubira ku ishuri bamaze gukura bakwiye gushimirwa ubutwari bagira, kuko baba bahisemo kongera gushora ubuzima bwabo mu kunguka ubumenyi no kubaka umurage bashobora gusigira n'abandi bawuhererekanya na bo.

Hari igihe umuntu mukuru asubira kwiga agasekwa cyangwa akibazwaho impamvu yahisemo kwicarana n'abakiri bato mu ishuri, ariko iyo myumvire ikwiye guhinduka kuko ubumenyi butagira iherezo kandi ubugize wese ntibubura kumugirira umumaro mu myaka yaba afite yose. Igishimishije ni uko imibereho ya muntu yose igirwa no kwiga kuko ntawashobora kugira ubumenyi bwose Isi itanga, ku buryo yarekera aho gukenera ubumenyi bushya bumwagurira amahirwe y'iterambere.

Gusubira mu mashuri asanzwe ukuze bisaba ubutwari budasanzwe, kuko umuntu aba agomba guhuza amasomo n'akazi, inshingano z'urugo, kurera abana n'ibindi bikorwa bya buri munsi.

Ikindi ni uko uburezi bw'abantu bakuru bufite uruhare mu iterambere ry'Igihugu. Umuntu wongera ubumenyi ashobora kunoza imikorere ye, kubona amahirwe mashya y'akazi, kwihangira umurimo cyangwa kurushaho kugira uruhare mu iterambere ry'umuryango we.

Ubumenyi kandi bufasha abantu gufata ibyemezo bishingiye ku makuru ya nyayo no guhangana n'impinduka zigaragara mu mibereho ya buri munsi zinagira uruhare mu iterambere ry'umuntu ubwe cyangwa igihugu ndetse n'Isi muri rusange.

Ubwanditsi

Ubutabera Abanyarwanda bifuza ni ubudaha icyuho ruswa n'icyenewabo – Mukantaganzwa



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Mukantaganzwa Domitilla

ZIGAMA Theoneste

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Mukantaganzwa Domitilla, yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwirinda ruswa, icyenewabo n'amarangamutima mu kazi, kugira ngo Abanyarwanda bahabwe ubutabera bunoze kandi butangwa mu mucyo.

Yabigarutseho ku wa Kane, tariki ya 15 Ukwakira 2026, ubwo yakiraga indahiro z'abacamanza barindwi n'abanditsi b'inkiko z'ibanze umunani baherutse guhabwa inshingano nshya.

Mukantaganzwa yavuze ko Urwego rw'Ubucamanza ari rumwe mu nzego za Leta zikorera abaturage, bityo ko abaruhagarariye bagomba kuzuza inshingano zabo batabogamye kandi birinda imyitwarire ishobora kubangamira itangwa ry'ubutabera.

Yagize ati: "Urwego rw'Ubucamanza ni rumwe mu nzego zigize Leta y'u Rwanda zikorera abaturage. By'umwihariko rushinzwe gutanga ubutabera. Kugira ngo dutange ubutabera Abanyarwanda bose bifuza biradusaba gutandukana n'amarangamutima, na ruswa n'ibyo igaragariramo byose, biradusaba gutandukana n'icyenewabo."

Yibukije abarahiriye inshingano nshya ko hari bamwe mu bakozi b'Urwego rw'Ubucamanza bagaragayeho imyitwarire mibi irimo ruswa, icyenewabo n'ubuswa, bagahanirwa ibyo bikorwa.

Ati: "Mwagiye mubona bamwe muri bagenzi banyu, bagaragayeho imikorere mibi irimo ruswa, icyenewabo cyangwa irimo n'ubuswa na byo birashoboka. Nkaba mbifuriza kurangwa n'ubunyangamugayo n'imico myiza, kandi mukirinda ruswa n'ikimenyane mukibuka ko inshingano mugiyemo zaba iz'ubucamanza cyangwa iz'ubwanditsi mukorana n'abandi."

Yabasabye kujya bagisha inama abayobozi babakuriye igihe bahuye n'ibyo badasobanukiwe, kugira ngo bakore akazi kabo neza kandi birinde amakosa ashobora kugira ingaruka ku butabera.

Mukantaganzwa yavuze ko akazi k'ubucamanza ari keza, ariko gasaba ubunyangamugayo n'ubupfura. Yagaragaje ko umucamanza utarangwa n'iyo mico ashobora gufata ibyemezo bidakwiye bikagira ingaruka zikomeye ku butabera.

Ati: "Ndabwira abacamanza cyane, buriya umuntu uri butsindwe urubanza n'ubundi aza kuburana azi ko ari burutsindwe, ahubwo aba aje imbere yawe agutega imitego ngo arebe ko uyigwamo. Hari igihe uyigwamo ugakora ishyano, hagatsinda utagomba gutsinda."

Yavuze ko amakosa nk'ayo ashobora guteza ibibazo igihugu, agatuma havuka imanza nyinshi zishobora kugera mu Rukiko rw'Ikirenga. Yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwakira neza abaturage bazigana, bakirinda kubasiragiza no kubakorera ibintu bitari ngombwa.

Ati: "Mwe mumaze kurahira muri mu Rukiko rw'Ibanze, urwo rukiko ni urufatiro rw'urwego rw'ubutabera. Izindi nkiko, rwaba Urukiko Rwisumbuye,Urukuru, Urw'Ubujurire ndetse n'Urukiko rw'Ikirenga, twese aho ni ho dufatiye. Ubu butabera buhabwa Abanyarwanda, aho ni ho bushingira, kuko ni urukiko rukemura ibibazo byinshi by'abaturage."

Mukantaganzwa yabijeje ko abazakomeza kurangwa n'ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo bashobora kuzagirira akamaro Urwego rw'Ubucamanza no guhabwa izindi nshingano mu nkiko zisumbuyeho.

Yanasabye imiryango y'abarahiriye inshingano nshya kubaha hafi no kubashyigikira mu kazi, ariko bakirinda kwivanga mu nshingano zabo.

Abarahiye biyemeje gutanga ubutabera bunoze

Yaba abacamanza n'abanditsi bavuze ko biteguye gutanga ubutabera bunoze bibanda ku byo Abanyarwanda bakeneye. Umucamanza Mukunzi Jean de Dieu ugiye gukorera mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kagano mu Karere ka Nyamasheke, yabwiye intagazamakuru ko agiye guharanira ko ubutabera butangwa mu mucyo.

Ati: "Ni uguca imanza zinoze harimo kwirinda ruswa, icyenewabo, no kwirinda gutinza imanza. Kuzitinza biterwa n'uko hari ubwo umucamanza azitinza nkana, kandi bikabangamira abaturage."

Ruseti Seraphine wahawe inshingano z'ubwanditsi bw'urukiko, yavuze ko agiye gutanga serivisi zinoze atega amatwi abagana inkiko.

Ati: "Ngiye gutega amatwi uje angana, nkamenya icyo yaba aje gusaba muri serivisi, kuko nzaba ndi umwanditsi w'urukiko".

Ntezimana Théophile we yavuze ko biyemeje gutanga ubutabera nsana-sano kuko kuva kera u Rwanda rwacaga imanza zigamije kunga Abanyarwanda bishingiye ku muco.

Rwanda: Abasaga 1 000 bafashijwe gukuramo inda mu mwaka umwe



Abasaga 1 000 bahawe serivisi zo gukuramo inda mu buryo bwemewe n'amategeko

MICOMYIZA BARINDA Fidele

Ikigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC), cyatangaje ko abagore n'abakobwa hagati ya 900 na 1 000 bahawe serivisi zo gukuramo inda mu buryo bwemewe n'amategeko, mu bigo nderabuzima byari mu igerageza ry'iyi gahunda, kuva muri Nyakanga 2025 kugeza muri Kamena 2026."

Umuyobozi w'Agashami Gashinzwe Gahunda zo Kwita ku Buzima bw'Ababyeyi n'Abana mu mavuriro muri RBC, Dr Cyiza François Regis yavuze ko ibyavuye muri uyu mushinga w'igerageza biri gufasha mu gutegura uburyo bwo kugeza iyi gahunda ku bigo nderabuzima byo mu gihugu hose.

Yavuze kandi ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026, abagore n'abakobwa bagera ku 3 200 ari bo bashatse serivisi zo gukuramo inda byemewe n'amategeko. Yagize ati: "Hagati y'abagore n'abakobwa 900 na 1 000 bahawe izi serivisi mu bigo nderabuzima byari muri uyu mushinga w'igerageza, kuva muri Nyakanga 2025 kugeza muri Kamena 2026."

RBC irateganya kwagura serivisi zo gukuramo inda byemewe mu gihugu hose

RBC ishimangira ko iteganya kwagura serivisi zo gukuramo inda byemewe n'amategeko zikagera ku bigo nderabuzima hirya no hino mu gihugu, nyuma y'uko umushinga w'igerageza wamaze umwaka ukorerwa mu Turere tune ugaragaje umusaruro.

Uyu mushinga w'igerageza washyizwe mu bikorwa mu bigo nderabuzima 43 byo mu Turere twa Musanze, Karongi, Rwamagana na Ruhango, ukaba wari ugamije kwegereza abaturage izi serivisi, ku buryo zitangirwa no mu bigo nderabuzima aho kuba mu bitaro gusa.

Muri uyu mushinga, abaforomo n'ababyaza bahuguwe bafite uruhare rukomeye mu kwakira no gusuzuma abarwayi, ndetse no kubafasha kubona izi serivisi mu gihe abaganga bashinzwe kugenzura no kuyobora imikorere yazo. Dr. Cyiza yavuze ko ibyavuye muri uyu mushinga w'igerageza biri gufasha mu gutegura uburyo bwo kugeza iyi gahunda ku bigo nderabuzima byo mu gihugu hose.

Uko iyi gahunda ikora

Muri iyi gahunda, umuforomo cyangwa umubyaza wahuguwe yakira umuntu ushaka gukuramo inda, akamukorera isuzuma ndetse n'ibizamini bikenewe. Ibisubizo by'ibyo bizamini byinjizwa muri sisitemu y'ikoranabuhanga, hanyuma bigasuzumwa n'umuganga ukorera mu bitaro. Uwo muganga aganira n'umuforomo cyangwa umubyaza uri kwakira uwo murwayi mbere y'uko hafatwa icyemezo cyo kumenya niba iyo serivisi ishobora gutangwa.

Gahunda yo kwagura izi serivisi mu gihugu hose ishingiye ku mpinduka zakozwe mu mabwiriza agenga serivisi zo gukuramo inda mu Rwanda, zatangajwe mu Kuboza 2024. Iteka rya Minisitiri ryasohotse mu Igazeti ya Leta ku wa 9 Ukuboza 2024 ryahinduye amabwiriza agenga ibigo nderabuzima byemerewe gutanga serivisi zo gukuramo inda.

Nk'uko ayo mabwiriza yahinduwe abiteganya, gukuramo inda bishobora gukorerwa mu kigo nderabuzima cya Leta cyangwa cyigenga cyahawe uburenganzira na Minisiteri y'Ubuzima bwo gukora nk'ibitaro, ikigo nderabuzima cyangwa Ivuriro rikuru (polyclinique).

Minisiteri y'Ubuzima ishobora kandi guha ivuriro uburenganzira bwo gutanga iyo serivisi nyuma yo gusuzuma niba ryujuje ibisabwa.

Mbere y'izo mpinduka, iteka rya Minisitiri ryo mu 2019 ryagaragazaga ibitaro n'amavuriro manini nk'ibigo byonyine byashoboraga gukorerwamo serivisi zo gukuramo inda, bityo impinduka zakozwe mu 2024 zatanze ishingiro ry'amategeko ryemerera ibigo nderabuzima byahawe uburenganzira gutanga serivisi zo gukuramo inda, mu gihe byujuje ibisabwa n'amabwiriza abigenga.

Bigenda bite ku bigo nderabuzima bishingiye ku myemerere y'idini itemera gukuramo inda?

Mu gihe RBC iri gutegura kwagura iyi gahunda mu gihugu hose, irimo no kureba uburyo izakorana n'ibigo nderabuzima bishingiye ku myemerere y'amadini, cyane cyane aho hari ibikorwa bimwe na bimwe by'ubuvuzi bishobora kunyuranya n'imyemerere y'idini.

Dr. Cyiza yagize ati: "Ibigo nderabuzima bishingiye ku myemerere y'amadini kandi biyoborwa n'imiryango y'idini bikorana na Leta, kandi abaganga babikoramo muri rusange batanga serivisi z'ubuvuzi. Icyakora, iyo bigeze kuri izi serivisi zo gukuramo inda byemewe n'amategeko, hari ibikorwa bimwe na bimwe bashobora kutemera bitewe n'imyemerere yabo."

Yavuze ko mu bihe nk'ibyo, abarwayi boherezwa mu bigo nderabuzima cyangwa mu bitaro bitanga izo serivisi. Dr. Cyiza yagize ati: "Iyo umuntu akeneye serivisi idashobora gutangirwa ku ivuriro riyoborwa n'umuryango w'idini bitewe n'imyemerere yawo, umurwayi yoherezwa mu kindi kigo gishobora kumuha iyo serivisi."

U Rwanda na Zimbabwe mu bufatanye bwimakaza kunoza imiturire ihendutse

NTAWITONDA Jean Claude

Nyuma y'amasezerano y'ubufatanye mu guteza imbere imiturire yasinyiwe i Kigali hagati y'u Rwanda na Zimbabwe ku wa 16 Gicurasi 2023, ibihugu byombi byatangiye guhererekanya ubunararibonye mu kongera imiturire ihendukiye buri wese, igezweho kandi irambye.

Intumwa z'u Rwanda ziri mu ruzinduko rw'iminsi itandatu muri Zimbabwe mu rwego rwo kurushaho gusesengura uburyo ubwo bufatanye bwatangijwe bwabyazwa umusaruro mu nyungu z'abaturage b'ibihugu byombi.

Ku wa Gatatu tariki ya 14, izo ntumwa zasuye Minisitiri w'Imiturire n'Ibikorwa Remezo, Prof. Paul Mavima kugira ngo barusheho gusobanurirwa buinshi ku miturire yo muri Zimbabwe n'icyo u Rwanda rwayigiraho.

Iryo tsinda ry'abayobozi batatu rirangajwe imbere n'Umuyobozi Mukuru wungirije w'U Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere Imiturire (Rwanda Housing Authority/ RHA), Nsanzineza Noel, akaba ari kumwe n'Umuyobozi ushinzwe kunoza Imiturire Icirirritse, Ahabwe Emmanuel na Kananga Eric, Impuguke mu by'Umukungu bujyanye n'Iterambere ry'Imijyi akaba n'umuvugizi w'amasezerano yasinywe hagati y'ibihugu byombi.

Nsanzineza yavuze ko uruzinduko rwabo muri Zimbabwe rwibanda ku kwigira kuri Zimbabwe ibirebana n'uruhererekane rw'imiturire, ati: "Gutunganya imiturire irambye biyoboye ubufatanye n'ubutwererane bw'ibihugu byacu. Ubutumwa turimo hano buzamara iminsi itandadu tuzaba dusura site zitandukanye z'ubwubatsi zigamije kugeza imiturire ihamye ku baturage ba Zimbabwe."

Yakomeje avuga ko bazagirana ibiganiro n'abahagarariye

KOMEZA KU RUP.9

U Rwanda na Zimbabwe mu bufatanye bwimakaza kunoza imiturire ihendutse

IBIKURIKIRA URUP.8

ibigo bitandukanye, inzego zinyuranye na Minisiteri, aho bazasangira ubunararibonye mu buryo bashobora gukemura ibibazo by'imiturire mu buryo burambye.

Mu bindi bibagenza harimo kugenzura ibikoresho by'ubwubatsi, uburyo imishinga y'ubwubatsi iterwa inkunga, ubufatanye hagati y'abikorera na Leta ndetse n'uburyo hasanwa imiturire yangiritse cyangwa yashaje.

Imbere Imiturire."

Minisitiri Prof. Mavima avuga ko amasezerano ibihugu byombi byasinyanye afungura amarembo yo guhererekanya ubumenyi n'ubunararibonye.

Yagize ati: "Duha agaciro u Rwanda nk'uko tugaha ibindi bihugu bya Afurika byagaragaje umwihariko mu gutanga ibisubizo, by'umwihariko mu kunoza imiturire y'abaturage."

Prof. Mavima yakomeje avuga ko Zimbabwe yifuza kwigira ku buryo u Rwanda ruteza imbere

Prof Mavima ati: "Hari umubare munini w'inyubako bazibonera. Muri zo harimo umushinga wo kwagura inyubako ya Dzivaresekwa, uwa Madokero na Knock Mallock, izafasha aba bashyitsi kwibonera uburyo Leta n'abikorera batangamo ibisubizo by'imiturire, ikoranabuhanga rigezweho ririmo iritunganya imyanda ikavamo biogaze n'ifumbire ndetse n'uburyo bwo kuyobora no gutunganya amazi."

Umwihariko Zimbabwe u Rwanda rwakwigiraho



U Rwanda na Zimbabwe basinye amasezerano yo kunoza imiturire

Nsanzineza yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda itera inkunga imishinga y'imiturire binyuze mu bufatanye bwayo n'abikorera, aho itanga nkunganire mu kiguzi cyo kubaka imihanda, gutunganya ubutaka, amashanyarazi ndetse n'amazi kugira ngo ikiguzi cy'imiturire kigabanyuke, n'icyuho cy'inzu zo guturamo 150 000 zikenerwa buri mwaka kigabanyuke.

Yakomeje agira ati: "Guverinoma y'u Rwanda kandi ireba amahirwe yose ahari mu kugabanya urwunguko ruhanitse ku bubatsi ndetse n'abagura inyubako. Ubungubu uburyo buhari bwo gutera inkunga turimo gukoresha ni ubufatanye bukorwa hagati ya Leta n'abikorera (PPP), ariko turimo kureba n'andi mahirwe ashoboka nko guhanga Ikigega cy'Igihugu cyo guteza imiturire inoze kandi icirirritse, mu gihe rurimo gushyira mu bikorwa gahunda y'Iterambere ry'imijyi ndetse n'ibirebana no guteza imbere imiturire igenewe abaturage binjiza amafaranga make.

Yavuze ko uretse u Rwanda, barimo kwigira no kuri Kenya na Botswana, bikazabafasha kurushaho kunoza Politiki igenga gahunda y'Iterambere ry'Imijyi batangiye gushyira mu bikorwa.

Yavuze kandi ko biteguye gusangiza u Rwanda Politiki ya Zimbabwe yo gutuza abaturage ndetse n'uburyo ishyirwa mu bikorwa bayobowe n'imvugo y'ururimi rwitwa Shona igira iti: "Nyika inovakwa nevene vayo", ugenekereje mu Kinyarwanda ni: "Igihugu cyubakwa na bene cyo."

mu miturire ni uguhuza kubaka inzu zihendutse kandi za kijyambere, gutunganya imiturirwa mu buryo bukomatanyije no kurengera ibidukikije mbere y'uko abaturage bayijyamo, gukoresha neza ubutaka no gufatanya na ba rwiyemezamirimo.

Zimbabwe kandi izwiho gukoresha neza ubutaka hubakwa inzu z'amagorofa, inzu zihurijwe hamwe n'imiturirwa ivanze n'ibikorwa by'ubucuruzi. Ibyo bijyana n'ikoranabuhanga rigezweho mu gutunganya amazi yanduye akongera gukoreshwa no gutunganya imyanda yo mu bwiherero ikavamo ingufu n'ibindi bikoresho by'agaciro.

Ingabo na Polisi by'u Rwanda batanze ubuvuzi muri Sudani y'Epfo



Ingabo z'u Rwanda n'abapolisi bari mu butumwa bw'amahoro muri Sudani y'Epfo bavuye ku buntu abaturage 946

SHEMA Ivan

Ingabo z'u Rwanda zibarizwa muri Batayo za RWANBATT-1 na RWANBATT-3 n'abapolisi b'u Rwanda (RWA-FPU) bari mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga mahoro muri Sudani y'Epfo (UNMISS), ku bufatanye n'Umuryango Society for Family Health South Sudan (SFH), basoje igikorwa cy'iminsi ibiri cyo gutanga serivisi z'ubuvuzi ku buntu, aho bavuye abaturage 946 bo mu gace ka Luri-Rokwe mu nkengero zako no mu nkengero z'umujyi wa Juba muri Sudani y'Epfo.

Iki gikorwa cyabereye ku Kigo Nderabuzima cya Luri-Rokwe, aho abaturage bahawe serivisi zirimo guzumwa, kuvurwa no guhabwa imiti ivura indwara zitandukanye zandura n'izitandura. Izo ndwara zirimo iz'amaso n'amenyo, umuvuduko ukabije w'amaraso, diyabete n'indwara zifitanye isano n'isuku nke. Hatanzwe kandi serivisi zo kwita ku bagore batwite ndetse no kwisuzumisha indwara zitandukanye.

Umuhango wo gusoza iki gikorwa witabiriwe n'Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. James Wanyi Tom, Umuyobozi wungirije wa RWANBATT-3 Lt. Col. Maurice Kayinamura n'Umuyobozi Wungirije wa RWANBATT-1 Maj Robert Muhayimana, Umuyobozi wa RWA-FPU, SSP Dative Iribagiza n'uhagarariye Umuryango Society for Family Health South Sudan, Umuhoza Solange.

Dr. James Wanyi Tom wari uhagarariye Guverinoma ya Sudani y'Epfo yashimiye Ingabo n'abapolisi b'u Rwanda ku ruhare bakomeje kugira mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage ba Sudani y'Epfo. Yagaragaje ko aka gace gafite imbogamizi mu kubona serivisi z'ubuvuzi, zirimo ibura ry'imiti n'abakozi batanga serivisi z'ubuvuzi bafite uburambe.

Yashimangiye ko Guverinoma yiyemeje gukomeza gukorana n'Ingabo na Polisi by'u Rwanda mu bikorwa bya gisirikare n'ibikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage. Umuyobozi wungirije wa RWANBATT-3 Lt Col Maurice Kayinamura yashimiye Minisiteri y'Ubuzima, itsinda ry'abaganga n'abaturage bitabiriye iki gikorwa ndetse yizeza abaturage ko Ingabo n'abapolisi b'u Rwanda bazakomeza gushyigikira ibikorwa bigamije guteza imbere ubuzima bw'abaturage mu gihe cyose bari mu butumwa bwabo.

Umwe mu bagenerwabikorwa, Abalo Yunis, yashimiye Ingabo n'abapolisi b'u Rwanda ku bwo gutanga serivisi z'ubuvuzi ku buntu. Yasobanuye ko we n'abana be bari barwaye, bityo bakaba bashimishijwe no kubona ubuvuzi nta kiguzi. Yasabye Ingabo n'Abapolisi b'u Rwanda gukomeza gufasha abaturage bugarijwe n'ibibazo kandi ashimangira ko bazakomeza ubufatanye na bo.

Uretse serivisi zo kwisuzumisha no kuvurwa, itsinda ryakoze ubukangurambaga ku bimenyetso by'indwara ya Ebola n'ingamba zo kuyirinda mu gihe hari impungenge z'ikwirakwira ryayo mu bihugu bituranye na Sudani y'Epfo.

Iki gikorwa kigaragaza ubushake buhoraho bw'Ingabo n'Abapolisi b'u Rwanda bwo kurinda abaturage bugarijwe n'ibibazo, gushimangira umubano n'ubufatanye hagati y'ingabo n'abaturage no kunoza uburyo abaturage babona serivisi z'ibanze z'ubuvuzi mu duce bashinzwe gukoreramo akazi.

Byinshi ku nyungu u Rwanda rwiteze mu kwakira ‘Formula 1 African Grand Prix’

ZIGAMA Theoneste

Guverinoma y’u Rwanda yatangaje ko u Rwanda rwiteguye kwakira isiganwa ry’imodoka nto rizwi nka ‘Formula 1 African Grand Prix’, aho rwitezweho kuzongera ubukerarugendo, ishoramari, ritanga imirimo mishya kandi biteze imbere impano z’uruby-iruko muri siporo yo gusiganwa ku modoka.

Ni urushanwa ryitezweho ibikorwa remezo bigezweho bizubakwa aho biteganyijwe no kujya byifashishwa mu myaka 10 izashira ruyakira.

Ibi byagarutsweho n’Umuyobozi Mukuru w’Urwego rw’Igihugu rw’Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika, na Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, ubwo basobanuraga intego z’u Rwanda mu kwakira iri rushanwa rikomeye ku rwego rw’Isi.

Ni mu kiganiro bagiranye n’itangazamakuru ku wa 13 Ukwakira 2026, ubwo u Rwanda rwemererwaga kwakira irushanwa rya Formula 1 Afurika Grand Prix, ruzatangira kwakira kuva mu 2030 mu gihe cy’imyaka 10.



Hagaragajwe icyo u Rwanda ruzungukira mu isiganwa rya Formula One

Formula 1 mu guteza imbere ubukerarugendo n’ishoramari

Umuyobozi Mukuru wa RDB, Jean-Guy Afrika, yavuze ko Formula 1 iri muri gahunda y’igihe kirekire u Rwanda rufite yo kuba ihuriro ry’ubukerarugendo, ishoramari na serivisi.

Yavuze ko ikibuga cyo gusiganiramo kizubakwa hafi y’Ikibuga Mpuzamahanga cy’Indege gishya cya Kigali kirimo kubukwa mu Karere ka Bugesera, bikazatuma cyongera ubushobozi bwo kwakira abagenzi buve kuri miliyoni ebyiri bugere hafi kuri miliyoni eshanu ku mwaka.

Ati: “Ni ngombwa kugaragaza ko Formula 1 iri muri gahunda yagutse y’igihe kirekire igamije gushyira u Rwanda ku mwanya w’ingenzi mu bukerarugendo, ishoramari na serivisi.”

Yibukije ko mu myaka icumi ishize u Rwanda rwakoresheje siporo nk’uburyo bwo guteza imbere ubukerarugendo, harimo Basketball Africa League rwakiriye ku bufatanye na NBA na Shampiyona y’Isi yo gusiganwa ku magare.

Yasobanuye ko Formula 1 ari indi ntambwe muri iyo gahunda, kuko izakurura abantu benshi bazakenera serivisi zitandukanye zirimo amahoteri, resitora, ubwikorezi n’ibicuruzwa.

Yavuze ko ikibuga cyo gusiganiramo muri iryo rushanwa giteganyijwe kuzaba gifite ubushobozi bwo kwakira abantu ibihumbi 100, mu gihe mu mpera z’icyumweru cy’irushanwa hateganywa abantu bagera hafi ku bihumbi 300 bazakoresha serivisi zitandukanye.

Ati: “Ibyo bizongera cyane icyifuzo cy’ibicuruzwa na serivisi, bityo ubucuruzi busanzwe bukure. Ibyo kandi bizongera amafaranga Leta ikusanya binyuze mu misoro ku bicuruzwa na serivisi, imisoro ku nyungu z’ibigo n’indi misoro.”

Jean-Guy Afrika yongeyeho ko ishoramari rishya rizakururwa n’iri rushanwa rishobora gutuma haboneka imirimo mishya, rikagura ibikorwa by’ubucuruzi kandi rikongera ubushobozi bw’igihugu bwo gutanga ibicuruzwa na serivisi.

Impamvu irishanwa ryiswe ‘African Grand Prix’

Umuyobozi Mukuru wa RDB yavuze ko guhitamo izina African Grand Prix bifitanye isano n’icyerekezo cy’u Rwanda cyo guteza imbere ubufatanye n’ubuhahirane hagati y’ibihugu bya Afurika.

Yagaragaje ko u Rwanda ruri Muryango wa Afurika y’Iburasirazuba (EAC) no ku Isoko Rusange rya Afurika y’Iburasirazuba n’Amajyepfo (COMESA), rukaba rwaragize uruhare mu ishyirwaho ry’Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA), ndetse rukaba rwarakuyeho viza ku Banyafurika binjira mu gihugu.

Yavuze ko guha iri rushanwa izina rya Afurika bizafasha kurigeza ku bafatanyabikorwa benshi ku mugabane, aho kurigaragaza nk’igikorwa cy’u Rwanda rwonyine. Ati: “Turashaka ko kiba igihe siporo ya Formula 1 yagarutse muri Afurika, ikazahaguma burundu.”

Ni irushwa ryaherukaga kubera muri Afurika mu myaka 33 ishize aho ryabereye muri Afurika y’Epfo mu 1993. Guy yasobanuye ko icyifuzo ari uko kwakira iri rushanwa byaba intangiriro y’igihe Afurika izajya yakira andi masiganwa ya Formula 1, ibihugu bitandukanye bikajya bisimburana mu kuyategura.

Ikibuga kizajya gikoreshwa umwaka wose

Jean-Guy Afrika yavuze ko ikibuga cyo gusiganiramo kitazubakwa hagamijwe kwakira irushanwa rimwe gusa mu mwaka, ahubwo ko kizategurwa ku buryo cyakwakira ibindi bikorwa. Yavuze ko kizajya cyifashishwa mu bitaramo by’umuziki, imurikagurisha n’ibindi bikorwa bitandukanye, bityo kigakomeza kubyara inyungu no mu gihe irushanwa ritarimo kuba.

Ku kibazo cy’uko inyungu z’ubukungu zitegerejwe zishobora kutagerwaho, yavuze ko u Rwanda rutabiteganya, ashingiye ku mibare n’uburyo iri rushanwa ryitwaye mu bindi bihugu, ndetse no ku bikorwa remezo biteganyijwe kubakwa.

Yongeyeho ko amasezerano ateganyijwe kumara imyaka 10, ku buryo mu gihe umusaruro utegerejwe utabonetse mu mwaka runaka, hazafatwa ingamba zo kunoza imikorere mu mwaka ukurikiyeho kugira ngo hakururwe abakerarugendo n’abandi bashyitsi benshi.

Ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi byinjirije u Rwanda miliyari 20 Frw mu minsi 4

SHEMA Ivan

Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry’ibikomoka ku buhinzi n’ubworozi (NAEB) cyatangaje ko ibicuruzwa u Rwanda rwohereje mu mahanga hagati y’itariki 5 na 9 Ukwakira 2026 byinjije 13 828 948 z’amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyari zirenga 20 z’amafaranga y’u Rwanda.

Imibare ya NAEB igaragaza ko muri icyo gihe cy’iminsi ine, u Rwanda rwohereje hanze toni 9 412 z’ibicuruzwa bitandukanye bikomoka ku buhinzi n’ubworozi. Ikawa ni yo yinjije amafaranga menshi mu bicuruzwa byihariye byoherejwe hanze, aho toni 660 zinjije 5 730 628 z’amadolari ya Amerika. Icyayi cyinjije amadolari ya Amerika 790 098.

Imboga zoherejwe hanze zingana na toni 460, zinjiza amadolari ya Amerika 594 215, mu gihe imbuto zingana na toni 483 zinjije amadolari ya Amerika 604 174.



Ibyo u Rwanda rwohereje mu mahanga hagati y’itariki 5 na 9 Ukwakira 2026 byinjije 13 828 948 z’amadolari ya Amerika

Indabo na zo zoherejwe ku isoko mpuzamahanga zingana na toni 28, zinjiriza igihugu amadolari ya Amerika 110 963, mu gihe ibikomoka ku matungo byoherejwe hanze byari toni 7 275, byinjiza amadolari ya Amerika 5 569 865.

Amasoko yakiriye ibicuruzwa by’u Rwanda arimo u Bushinwa, u Bwongereza, u Bufaransa, u Buholandi, u Budage, Leta Zunze Ubumwe z’Abarabu, u Bubiligi, Afurika y’Epfo, u Buhinde ndetse n’ibihugu bitandukanye bya Afurika.

U Rwanda rwamuritse ikawa ya Mibirizi mu Buyapani

ZIGAMA Theoneste

U Rwanda rwamuritse ikawa yo mu bwoko bwa Arabica izwiho guhingirwa mu gace ka Mibirizi mu Karere ka Rusizi, ifite amateka akomeye mu buhinzi bw’ikawa mu gihugu, bikaba biri mu rwego rwo kwagura isoko ry’ikawa ku rwego mpuzamahanga no gushaka amahirwe mashya y’ubucuruzi ku bahinzi b’Abanyarwanda.

Iyi kawa yamuritswe ku wa Gatanu, tariki ya 16 Ukwakira 2026, mu nama n’imurikabikorwa ry’ishyirahamwe ry’abanyamwuga mu bucuruzi bw’ikawa idasanzwe mu Buyapani (Specialty Coffee Association of Japan – SCAJ), ryabereye i Tokyo.

Abanyamwuga mu bijyanye n’ikawa baturutse mu bihugu bitandukanye bayisogongeye kugira ngo bamenye umwimerere w’uburyohe n’impumuro byayo, mbere y’uko igurishwa muri cyamunara mpuzamahanga ku nshuro ya mbere, iteganyijwe ku wa 21 Ukwakira.

Iri murikabikorwa ryateguwe n’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Iyoherezwa mu mahanga ry’Ibikomoka ku Buhinzi n’Ubworozi (NAEB), ryagaragaje imbaraga zishyirwa mu kuzahura ubwoko bw’ikawa ya Mibirizi, bwatangiye guhingwa mu Rwanda mu 1904.

Mu gikorwa cyo kuyimurika, abitabiriye bahawe ibisobanuro ku buryohe bwayo no ku mpumuro yayo yihariye, irangwa n’impumuro y’indabo. Ibi bigamije gukurura abaguzi mpuzamahanga n’abacuruzi b’inzobere mu ikawa y’umwimerere.

Cyamunara ya mbere mpuzamahanga y’ikawa ya Mibirizi y’u Rwanda itunganyijwe itavanze n’indi, iteganyijwe ku wa 21 Ukwakira, izabera hamwe na cyamunara y’ikawa zatoranyijwe muri gahunda y’ikawa ihiga izindi, Best of Rwanda.

Ambasaderi w’u Rwanda mu Buyapani, Mukasine Marie Claire, yavuze ko kuzahura ikawa ya Mibirizi ari intambwe ishimishije ihuza umurage n’amateka by’u Rwanda mu buhinzi bw’ikawa n’amahirwe mashya yo kuyicuruza ku masoko y’ikawa yo ku rwego rwo hejuru.

Yagize ati: “Kuzahura ikawa ya Mibirizi ni igikorwa u Rwanda rwishimira. Bihuza umurage wacu mu buhinzi bw’ikawa n’amahirwe mashya ku masoko y’ikawa yo ku rwego rwo hejuru. Twishimiye gusangiza abafatanyabikorwa bacu b’Abayapani n’abaguzi iyi kawa mpuzamahanga.

Imurikwa ry’ikawa ya Mibirizi ryakurikiye inama nyunguranabitekerezo kuri gahunda ya Best of Rwanda, yateguwe na NAEB ku wa Gatatu, tariki ya 14 Ukwakira. Iyo nama yamuritse ikawa zagaragayeho ireme mu irushanwa ry’igihugu ryabaye muri uyu mwaka wa 2026.

Abitabiriye iyo nama bagejejweho ibiganiro ku rwego rw’ubuhinzi bw’ikawa mu Rwanda, bagira umwanya wo gusogongera ikawa zitandukanye y’umwimerere.”



Hamuritswe ikawa y’u Rwanda y’ubwiza buhebuje

NAEB ivuga ko kuzahura ikawa ya Mibirizi byasabye ubushakashatsi, gucunga no kubika imbuto zayo, gukorana n’abahinzi no gushyira imbaraga mu kuzamura ireme ry’ubwiza bw’ikawa.

Iki gikorwa kiri muri gahunda rusange y’u Rwanda yo kongera agaciro k’ikawa rwohereza mu mahanga, binyuze mu guteza imbere ubwoko bw’ikawa bufite umwihariko no guhuza abayihinga n’abaguzi dukanye kandi baganira ku mahirwe ahari ku bahinzi, abohereza ikawa mu mahanga n’abaguzi mpuzamahanga.

Gahunda ya Best of Rwanda yatangijwe mu 2024 na NAEB, ku bufatanye n’Ishyirahamwe ry’abohereza n’abatunganya ikawa mu Rwanda (CEPAR). Ni gahunda ihuza amarushanwa na cyamunara, igamije gushishikariza abahinzi kongera umusaruro w’ikawa ifite ireme, kumenyekanisha ikawa y’u Rwanda no gufasha abahinzi kubona ibiciro byiza.

Iyi gahunda iha abaguzi mpuzamahanga amahirwe yo gusogongera ikawa zatoranyijwe no kugirana amasezerano y’ubucuruzi n’abakora mu rwego rw’ikawa mu Rwanda. Ambasaderi Mukasine yavuze ko ikawa y’u Rwanda ari isoko y’amahirwe mu bukungu ndetse ikaba n’ishema ry’igihugu.

Yagize ati: “Ikawa y’u Rwanda igaragaza umuhate w’abahinzi bacu n’ubukungu buri mu butaka bwacu. Binyuze muri gahunda ya ‘Best of Rwanda’, turimo kongera kumenyekanisha ikawa y’u Rwanda no guhanga amahirwe azagirira akamaro abaturage bo mu bice bitandukanye by’Igihugu.”

U Rwanda rwitabiriye imurikabikorwa rya SCAJ rimara iminsi itatu, ryitabiriwe n’abahinzi b’ikawa, abayobozi b’amakoperative, abohereza ikawa mu mahanga n’abandi bahagarariye uru rwego.

Intumwa z’u Rwanda zari ziyobowe na Sandrine Urujeni, Umuyobozi Mukuru ushinzwe ibikorwa muri NAEB, zikaba zarimo abahinzi b’ikawa 20, abayobozi bakuru b’amakoperative n’abandi bahagarariye uru rwego. Ambasaderi w’u Rwanda mu Buyapani na we yitabiriye ibiganiro, kimwe na Visi Perezida w’Ikigo cy’Ubuyapani gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (JICA).

Kwitabira iri murikabikorwa kw’abahinzi n’abayobozi b’amakoperative byabahaye amahirwe yo kuganira n’inzobere mu bijyanye n’ikawa zo mu Buyapani, kumenya uko isoko ry’ikawa yihariye rikora no gushakisha abafatanyabikorwa bashya mu bucuruzi.

Biteganyijwe kandi ko u Rwanda ruzitabira imurikabikorwa mpuzamahanga ry’ikawa rizabera i Tokyo mu 2027, rikazatanga andi mahirwe yo kumenyekanisha ikawa yarwo no kugirana imikoranire n’abagize uru rwego ku rwego mpuzamahanga.

USA: Urubanza rw'Umunyarwanda Nshimiye ukekwaho kugira uruhare muri Jenoside rwatangiye



Nshimiye ukurikiranyweho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatangiye kuburanishwa

TWAGIRA Wilson

Urukiko rwo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu Mujyi wa Boston rwatangiye kuburanisha, Umunyarwanda ufite ubwenegihugu bwa Amerika, ukurikiranyweho kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ni urubanza rwatangiye ku wa Kabiri tariki 13 Ukwakira 2026, aho Nshimiye ahakana ibyaha ashinjwa.

Ikinyamakuru Aljazeera cyatangaje ko muri urwo rubanza abashinjacyaha babwiye urukiko ko Nshimiye, ufite imyaka 55 akaba n'umubyeyi w'abana bane, yagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 2024, abakozi b'Ishami rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika rishinzwe umutekano w'imbere mu gihugu (Department of Homeland Security) ni bwo bataye muri yombi Nshimiye, bamusanze iwe muri Leta ya Ohio.

Mu byaha aregwa harimo gutanga amakuru atari yo ku byo yakoraga n'aho yari ari mu Rwanda mu gihe cya Jenoside, igihe yabazwaga n'abashinzwe iperereza.

Arashinjwa kandi gutanga ubuhamya bw'ibinyoma mu rubanza rwabereye i Boston mu 2019, ubwo yari yagiye gushinjura inshuti ye na yo yashinjwaga kugira uruhare muri Jenoside.

Abashinjacyaha bavuga ko Nshimiye, icyo gihe wari umunyeshuri wiga ibijyanye n'ubuvuzi mu mujyi wa Butare, na we yagize uruhare mu kwica no gufata ku ngufu Abatutsikazi.

Umushinjacyaha wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Christopher Looney, yabwiye urukiko ku wa Kabiri ko abahigaga Abatutsi bakoraga ubwicanyi bakurikije amabwiriza bahabwaga n'ubutegetsi bwariho, bwabashishikarizaga kwica abaturanyi babo b'Abatutsi.

Looney yagize ati: "Iperereza ryihariye rigaragaza ko Nshimiye ubwe yagabye ibitero ku Batutsi, kandi akabashyikiriza ababaga bagiye kubica no kubafata ku ngufu."

Nshimiye yahakanye kuba muri MRND

Mu rubanza rwo mu 2019, Nshimiye yahakanye kugira uruhare muri Jenoside. Yavuze kandi ko atigeze aba mu ishyaka rya MRND (Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement), ryari ku butegetsi mbere ya Jenoside, cyangwa mu mutwe w'Interahamwe, wari ugizwe n'urubyiruko rwagize uruhare rukomeye mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi mu 1994.

Ashobora kwamburwa ubwenegihugu bw'Amerika

Nshimiye akurikiranyweho ibyaha birimo gutanga ubuhamya bw'ibinyoma no kubangamira ubutabera. Naramuka ahamwe n'ibyo byaha, ashobora kwamburwa ubwenegihugu bw'Amerika nkuko biteganywa n'amategeko y'icyo gihugu.

Nshimiye avuga ko yari yaragiye i Kigali mu biruhuko mbere y'uko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itangira. Avuga ko kubera umutekano muke uturutse kuri Jenoside, atashoboye gusubira i Butare, ahubwo akaza guhunga u Rwanda nk'impunzi, nyuma akagera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, aho yahawe ubwenegihugu mu 2009.

Kuva yatabwa muri yombi, Nshimiye afungiye muri gereza ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika iri mu gace ka Boston. Ntiyemerewe kurekurwa by'agateganyo mu gihe urubanza rutararangira.

Abatangabuhamya barenga 12 bazatanga ubuhamya

Ubushinjacyaha burateganya guhamagaza abatangabuhamya barenga 12, benshi muri bo bakazava mu Rwanda.

Bavuga ko bibuka Nshimiye yitabira ibikorwa bya politiki byashyigikiraga abari bafite uruhare mu guhiga Abatutsi mbere ya Jenoside. Bamwe muri bo bavuga ko nyuma bamubonye agira uruhare mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi i Butare. Abavoka ba Nshimiye babwiye urukiko ku wa Kabiri ko umukiliya wabo atigeze agira uruhare muri Jenoside.

Bavuga ko urubanza rwubakiye ahanini ku buhamya bw'abantu bavuga ko biboneye ibyabaye. Bamwe muri abo batangabuhamya ngo bashoboye kumenya Nshimiye nyuma yo kugaragarizwa ifoto ye inshuro nyinshi. Abandi na bo ngo bagiye batanga ubuhamya butandukanye mu manza zaciwe mu myaka yashize ku bantu bashinjwaga kugira uruhare muri Jenoside.

Kurt Kerns, umwe mu bavoka ba Nshimiye, yavuze ko ibimenyetso byatanzwe n'ubushinjacyaha byatangiye kugaragara nyuma y'uko Nshimiye atanze ubuhamya bushinjura inshuti ye mu rubanza rwo mu 2019, hashize imyaka 25 Jenoside ibaye.

Yagize ati: "Ibimenyetso by'ubushinjacyaha byagaragaye gusa nyuma y'uko Nshimiyimana Eric agiye gutanga ubuhamya bw'imyitwarire myiza y'undi muntu, kandi hashize imyaka 25 Jenoside ibaye."

Abunganira Nshimiye banashimangira ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 atigeze ashinjwa mu nkiko zo mu Rwanda cyangwa izo ku rwego mpuzamahanga, zirimo Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR).

Bahakana kandi ko yaba yarigeze gukurikiranwa muri gahunda y'ubutabera bw'Inkiko Gacaca, zaburanishije abantu benshi bashinjwaga kugira uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

> **"Ubushinjacyaha burateganya guhamagaza abatangabuhamya barenga 12, benshi muri bo bakazava mu Rwanda."**

Nyagatare: Ku myaka 49 yize amashuri yisumbuye agamije kunoza ubucuruzi bwe



Nyuma yo kurangiza kwiga, Cyarikora ni umubyeyi wishimira ko intego ze zagezweho

HITIMANA Servand

Cyarikora Rosette umubyeyi w'imyaka 53 ubu asoje amashuri yisumbuye aho yagiye kuyiga afite imyaka 49 agamije guhangana n'ibyabangamiraga imirimo ye aho hari ibyo yasabwaga kuzuza birimo n'impamyabumenyi y'amashuri yize.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, uyu mubyeyi ufite abana 6 avuga ko yasubiye mu ishuri nyuma yo kugira inshingano zijyanye n'ibikorwa by'ubucuruzi akora ndetse no gutangira kuyobora abantu bakorana. Avuga ko mu myaka ye yo mu buto yari yarize agarukira mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye, nyuma yaje kubona ko adahagije bitewe n'inshingano yari amaze kujyamo.

Ati: "Natangiye ibikorwa byo kwikorera no gushora imari ndetse nkanifatanya na bagenzi banjye mu rwego rwo kwishyira hamwe tugamije kwiteza imbere. Ibi bikorwa rero byarimo ubucuruzi, aho najyaga kurangura nko hanze mu mpapuro nuzuza ngasabwa gushyiramo n'amashuri nize. Aya mashuri nasabwaga yagiraga ingaruka ku byo nemerewe n'icyizere ngirirwa muri serivisi ndi gusaba zijyanye n'ibyo nakoraga."

Akomeza agira ati: "Twaje kwishyira hamwe na bagenzi banjye dushinga koperative y'abagore yo kwiteza imbere tunashinga uruganda rukora amavuta. Nahawe ubuyobozi, uko imyaka ishira nkabona hari abaza kutugenzura kandi amaraporo badukorera na yo dusabwa, bisaba ubundi bumenyi ntari mfite."

Avuga ko ibi byatumye afata umwanzuro wo kujya kongera ubumenyi nubwo yari mu myaka y'ubukure. Ati: "Ku myaka 49 naje kugira igitekerezo cyo gusubira ku ishuri ngashaka uko nongera ubumenyi nkanagira impamyabumenyi. Nasubiyeyo niga mu mwaka wa gatatu w'icyiciro rusange nkora ikizamini ndatsinda, nkomereza mu mwaka wa kane w'ayisumbuye. Nize Nshyizeho umwete ndakomeza, nasoje uyu mwaka mbona amanota meza ampesha impamyabumenyi."

Cyarikora ntiyorohewe n'abamucaga intege.

Ubwo yasubiraga ku ishuri avuga ko yahuye n'imbogamizi zirimo abamucaga intege bamubwira ko ntacyo akiramira ariko akabyima amatwi agakomeza.

Yagize ati: "Ntibyari byoroshye nsubira ku ishuri nabanje kubihisha ariko abantu baza ku bimenya. Icya mbere uwabyumvaga yarasekaga gusa hanyuma akaza kubitangaho ibitekerezo nyuma. Hari abambwiraga ko nashaje kwiga nakabirekeye abana cyane ko abo nari mfite bari bari kuyasoza. Hari abavugaga ko ndi kwifotoza ntazabishobora mbiharara ngahita mbivamo, narabyirengagije ndakomeza kandi ndayarangiza."

Ati: "Mu bambaye hafi bakanankomeza harimo umuryango wanjye, bo bumvaga icyo nkeneye ariko na bo bakagira impungenge ko nzacika intege ntageze ku cyo niyemeje. Bati: 'uri umukecuru ushobora kuruha vuba ukabivamo'. Icyo nari ngambiriye cyakomeje kunsunika ndetse n'abarimu bakantera imbaraga nkomeza urugendo."

Uwo mubyeyi ahamya ko kuba yarabonye impamyabumenyi yifuzaga bigiye kumufasha mu bikorwa bye bya buri munsi adafite ipfunwe ryo kuba atarize.

Ati: "Intego yanjye nayigezeho aho ubu ngiye gushyira ku murongo ibikorwa byanjye by'ubucuruzi n'indi mishinga mfatanyije n'abandi. Nababazwaga cyane no kuba hari aho nsabwa kwitabira inama cyangwa amahugurwa nasabwa kuzuza amashuri nkabura icyo nshyiraho. Ibi byanambagaho mu kazi k'ubucuruzi ahari impapuro zansabaga kuzuzaho amashuri nibura ayisumbuye nkayabura."

Akomeza agira ati: "Ubu rero mfite icyizere ko ngiye gukora mfite umurongo cyane ko imbaraga zo gukora nkizifite, ku bw'amahirwe n'ubumenyi nabwo nkaba maze kububona."

Umuyobozi w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Nyagatare, Karangwa Scovia, ashimira abagore bafata iya mbere mu gushaka umuti w'ibibazo bafite ndetse bakanafasha umuryango nyarwanda kwigira.

Ati: "Dushima abagore bafashe iya mbere bakabyaza umusaruro amahirwe Leta ibaha, ikora byose mu nyungu za bose. Amashuri yegerejwe abaturage ndetse n'ibindi bikorwa remezo. Abagore rero bakwiye gufata iya mbere mu kubyaza umusaruro aya mahirwe, aho dushima cyane abateye iyi ntambwe kuko babera umusemburo umuryango nyarwanda mu rwego rwo kwiyemeza no kwishakira ibisubizo."

Cyarikoza Rosette usoje amashuri ye yisumbuye ashishikariza abagifite uburyo bwo kongera ubumenyi gutinyuka bakiga.



Cyarikora Rosette mu mpuzankano y'ishuri ari kumwe na mwarimu we

Nyamagabe: Mukeshimana yakize ibikomere bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yiteza imbere



Mukeshimana Chantal ahamya ko ibiganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byamufashije gukira ibikomere yiteza imbere

BYUKUSENGE Annonciata

Mukeshimana Chantal, umubyeyi uri mu kigero cy'imyaka 50 y'amavuko, akaba yararokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yamusize ari impfubyi imusigira ibikomere, ariko ibiganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byamufashije gukira ibikomere yiteza imbere.

Mu buhamya yatanze mu biganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byabereye mu Murenge wa Gasaka, byahuje abaturage bo mu Turere twa Nyamagabe na Nyaruguru, Mukeshimana avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi yari afite ababyeyi bombi (Se na Nyina). Jenoside yabaye afite imyaka 17 y'amavuko, akaba yari amaze kurangiza amashuri abanza. Avuka mu Murenge wa Gatare, Akarere ka Nyamagabe.

Ati: "Bitewe n'itotezwa ryakorerwaga Abatutsi mu 1994, ntabwo nabashije kugira amahirwe yo kujya mu mashuri yisumbuye kuko hemererwaga umubare munini w'abana b'Abahutu. Iyo ababyeyi batabaga bari mu myanya ikomeye y'ubuyobozi ngo binginge ababishinzwe umwana azemererwe gutsinda nubwo na byo bitahiraga bose, byabaga ari ikibazo."

Akomeza avuga ko uretse no kwiga ngo wemererwe gutsinda, byabaga bigoye kuko buri mwana mu ishuri ubwoko bwe bwabaga buzwi. Ati: "Ibyakorwaga byose ngo umubyeyi yinginge umwana we azemererwe gutsinda byabaga ari amatakirangoyi kuko twigaga amazina y'abanyeshuri n'ubwoko bwabo bimanitse ku rukuta."

Mukeshimana Chantal yakize ibikomere gute?

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Mukeshimana ntabwo yagize amahirwe yo gusubira mu ishuri kuko ni we wari mukuru, yahise afata inshingano zo kuba umubyeyi arera barumuna be barokokanye kandi na we akiri umwana wo kurerwa.

Ati: "Nta yandi mahitamo nari mfite kuko ku myaka 17, abankurikira bari bato cyane. Nagombaga kubitaho, ngashakisha imibereho igihe bavuye ku ishuri bakabona icyo kurya."

Mukeshimana yakuze yibaza niba ashobora kuzagira amahirwe yo kubona uko yajya ahura n'abantu benshi akabigisha kugira urukundo, kubana neza no kwirinda ivangura, ariko akabona nta nzira.

Ati: "Nakuranye inzozi zo gutanga umusanzu mu kubaka Igihugu, ariko kubera ko ntize ntabwo nabonaga aho byanyura. Ntaho najya gusaba akazi ntarize, nta bubasha bwo gukoranya abantu ngo mbakoreshe inama, ariko numvaga uko byagenda kose nzabigeraho nubwo nta nzira nabonaga."

Agezeze igihe cyo kugira Umuryango, Mukeshimana yarashyingiwe

Igihe Inama y'Abaminisitiri yashyiragaho Urwego rw'Umudugudu ku wa 13 Ukuboza 1996, rukaza gushimangirwa mu ivugurura ry'Inzego z'imitegekere y'Igihugu ryatangiye gukurikizwa guhera ku wa 1 Mutarama 2006, ubwo hashyirwagaho inzego kuva ku Ntara, Uturere, Imirenge, Utugari, kugeza ku Midugudu, Mukeshimana yagize amahirwe atorerwa kuba Umukuru w'Umudugudu.

Ati: "Kuva urwego rw'Umudugudu rwashyirwaho natorewe kuyobora Umuduhudu wa Gashaha, mu Murenge wa Gatare. Kugeza ubu ndacyawuyoboye kandi nywuyoboye neza kuko iteka uza ku isonga, nta wundi Mudugudu urampiga mu Mihigo. Ni akazi nkora nkunze kandi ninongera nkagirirwa icyizere nzakomeza nyobore."

Kubera guhora yesa imihigo, Mukeshimana Chantal yagiriwe icyizere, ubu ni we Mukuru w'Umudugudu uhagarariye abandi mu karere ka Nyamagabe.

Akomeza avuga ko akimara kuba Umukuru w'Umudugudu yahise atangira gushyira mu bikorwa intego z'inzozi ze yari yarakuranye, uko akoresheje inama agakangurira abaturage kwirinda ivangura no kubana neza mu Mahoro.

Ati: "Ubu ndi umuhinzi w'ibirayi wabigize umwuga. Ntubura imbuto y'ibirayi kuri hegitari 15. Ntabwo ngihingira ibyo kurya nka mbere kuko Nyamagabe twagiraga inzara ku buryo bamwe bahungiraga mu Karere ka Bugesera no ku Mayaga bagiye gukorera ibyo kurya."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dominique Habimana avuga ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwasenywe n'ubuyobozi bubi bituma bamwe mu babyeyi bakora ibibi byatumye abana babo bagira ipfunwe kugeza n'ubu, ariko agashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yongeye kubanisha Abanyarwanda no kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri.

Ati: "Ndashimira Leta yacu ko yunze ubumwe bw'Abanyarwanda tukaba tubanye mu mahoro azira ivangura. Ndashimira Unity Club Intwararumuri zateguye ibi biganiro byunga ubumwe bw'Abanyarwanda.

Ati: "Nagize amahirwe yo kwitabira ibiganiro bitandukanye ku bumwe n'ubudaheranwa, nataha nkabisangiza abaturage nyoboye. Byampaye imbaraga nkira ibikomere n'ubwigunge nahoranaga kubera amateka mabi nanyuzemo."

Akomeza avuga ko atari ibikomere yakize gusa, ahubwo yiteje imbere no mu bukungu. Imyaka 32 y'amahitamo yo kuba umwe, ni urugendo rutari rworoshye, ariko Umukuru w'Igihugu Kagame Paul yadufashije kugira igihugu gifite icyerekezo."

Igipimo cy'ubumwe bw'Abanyarwanda cyavuye kuri 82,3% mu 2010, kigera kuri 92,5% mu 2015, kirazamuka kigera kuri 94,7% mu 2020, ubu kiri kuri 95,3%.

> **Ati: "Nakuranye inzozi zo gutanga umusanzu mu kubaka Igihugu, ariko kubera ko ntize ntabwo nabonaga aho byanyura. Ntaho najya gusaba akazi ntarize, nta bubasha bwo gukoranya abantu ngo mbakoreshe inama, ariko numvaga uko byagenda kose nzabigeraho nubwo nta nzira nabonaga."**

Musanze: Abashaka kubakisha ibiti mu Kinigi bihanangirijwe



Imyubakire ikoresha ibiti n'imbariro ni uburyo ubuyobozi busanga icirirtse kandi yangiza ibidukikije

NGABOYABAHIZI Protais

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze bwihanangirije abaturage bo mu Murenge wa Kinigi bashaka kubaka muri iki gihe nk'uko bubakaga mu bihe bya kera, kandi aka gace kari mu duce dutera imbere mu Mujyi wa Musanze, ahari igishushanyo mbonera kibasaba kubakisha ibikoresho by'ubwubatsi bijyanye n'igihe.

Mu duce tw'amajyaruguru by'umwihariko utwegereye ibirunga, abaturage bamemyereye kubakisha ibiti bagatera imbariro maze bagakomesha amase cyangwa igitaka babona kibahenze kuko kiva kure. Kuri ubu aba baturage bagowe n'uko bakenera kubaka bisanzwe ntibabone ibyangombwa byo kubaka nk'uko bari basanzwe babikora nk'umurage wahererekanyijwe ibisekuru bitandukanye.

Bamwe mu rubyiruko bifuza gushinga ingo bavuga ko nubwo bafite ibibanza bahawe n'ababyeyi, kuri ubu bitacyoroshye kubaka, ariko bamwe bakanavuga ko batanasobanukiwe n'ibijyanye n'igishushanyo mbonera basabwa kubaka kugira ngo bagendane n'igihe.

Iradukunda Innocent, utuye mu Mudugudu wa Musingi, Akagari ka Kaguhu, mu Murenge wa Kinigi, avuga ko hari imiryango ifite inzu ababyeyi batuyemo, ariko abana babo bakabura uko bubaka mu bibanza bahawe.

Yagize ati: "Muri aka gace urabona ko hari inzu ababyeyi bacu babamo, baduha ibibanza hafi aho ngo twubake ariko twajya gusaba ibyangombwa byo kubaka abayobozi bakatwangira. Hari rero abagerageza kubaka nta byangombwa, ubuyobozi bukaza bugasenya inzu. Twifuza ko batubwira igiteganyijwe muri aka gace, tukamenya niba ikibanza umubyeyi yaguhaye wakubakamo cyangwa niba wakigurisha ukajya ahandi, kuko abasore bo muri aka gace bashaka kurushinga bibagora."

Iradukunda avuga ko gusobanurirwa hakiri kare igishushanyo mbonera n'ibisabwa kugira ngo umuntu ahabwe uruhushya rwo kubaka byafasha abaturage gufata ibyemezo bishingiye ku makuru yizewe, aho gushora amafaranga mu bwubatsi bushobora kuzabangamirwa.

Hagenimana na we yagize ati: "Muri aka gace urabona inzu ba data batuyemo ziri hano hafi. Ubu iyo tugiye gushaka icyangombwa cyo kubaka biranga, kandi ubuyobozi ntibudusobanurira neza icyo ubu butaka bwagenewe cyangwa niba igishushanyombonera cyarahindutse. Twifuza ko amakuru ajyanye n'igishushanyo mbonera yajya amenyeshwa abaturage, wenda nko mu mugoroba w'ababyeyi."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze, Nsengimana Claudien, avuga ko amakuru ajyanye n'igishushanyombonera asobanurirwa abaturage mu nama zitandukanye, zirimo izikorwa igihe abayobozi babasuye n'izindi nama bahuriramo.

Asaba abaturage kwita ku makuru bahabwa ku mikoreshereze y'ubutaka, bakirinda gutangira kubaka batabanje kumenya niba aho bashaka kubaka byemewe.

Yagize ati: "Igishushanyombonera abanyamusanze barakizi, kuko hari itsinda ryagisobanuye. Natwe iyo tugiye gusura abaturage, haba mu nama n'ahandi duhurira mu bikorwa byo kubaka Igihugu, tunyuzamo tugatanga amakuru. Hari rero abagerageza kunyura mu nzira za hafi bakubaka badafite ibyangombwa, bakagongana n'amategeko. Ikindi, wenda nko mu Murenge wa Kinigi, byashoboka ko hari abagerageza kubaka ahazagurirwa Pariki, na byo tugiye kubirebaho."

Yongeraho ko ibi bigaragaza ko ku ruhande rw'ubuyobozi, kubahiriza igishushanyombonera no kumenya imikoreshereze y'ubutaka mbere yo kubaka ari ingenzi mu gukumira amakimbirane n'ibikorwa binyuranyije n'amategeko.

Ikindi kandi ngo n'uwaba yemerewe kubaka agomba kubikora akoresha ibikoresho bijyanye n'igihe, aho ngo usanga bamwe bacyubakisha ibiti muri kariya gace, ibintu bibangamira ibidukikije.

Nyagatare: Hadutse abiyita abapolisi bakambura moto abamotari



SSP Emmanuel Nkurunziza avuga ko moto zimaze kwibwa n'abiyita abapolisi zimaze kuba eshatu

HITIMANA Servand

Mu byumweru bibiri bishize moto eshatu ni zo zimaze kumenyekana ko zibwe ba nyirazo abajura baza biyise abapolisi bakababwira ko bazifatiye amakosa bakababwira ko bagomba kuzisanga kuri Sitasiyo ya Polisi.

Polisi y'u Rwanda ikorera mu Karere ka Nyagatare, yasabye abamotari kwitwararika kuri ubwo bujura bwadutse bakajya birinda kurekurira buri muntu wese moto yabo igihe atagaragara mu mwambaro w'akazi cyangwa nta bindi bimuranga afite.

Ubu bujura budasanzwe bwatumye inzego z'umutekano, ubuyobozi bw'Akarere ndetse n'abamotari bagirana inama y'ikitaraganya hagamijwe kubukumira.

Polisi ikorera mu Karere ka Nyagatare igaragaza ko abiba moto bahagarika abamotari babona bafite amakosa arimo kutambara ingofero zabugenewe bakababwira ko ibinyabiziga byabo bigiye kubihanirwa ndetse bagomba kubisanga kuri polisi.

SSP Emmanuel Nkurunziza uyobora Polisi mu Karere ka Nyagatare, yagize ati: "Hari ubujura bwa moto bwaje mu yindi sura itari isanzwe muri aka Karere. Abantu bambaye imyenda isanzwe bakavuga ko ari abapolisi bagamije kwambura abantu. Bahagarika moto, uyitwaye wenda nta kasike yambaye, bakamubwira ko moto irabihanirwa ndetse ko agomba kuza kuyisanga kuri polisi. Moto bahita bayitwara aho tumaze kugira moto eshatu zibwe muri ubu buryo mu byumweru bibiri gusa."

Akomeza asaba abatwara moto kugira amakenga no kubwirana aya makuru bakirinda kugira uwo barekurira moto yabo atambaye umwenda w'akazi wa Polisi. Ati: "Turasaba abatwara moto kutagwa muri ubu bushukanyi. Umupolisi uzaguhagarika ni uri mu kazi kandi agaragazwa no kuba yambaye umwenda w'akazi. Undi wagusaba kumuha moto akubwira ko akorera polisi ahubwo uzitabaze abakuri hafi mumugaragaze afatwe."

Bamwe mu bakora akazi ko gutwara abagenzi kuri moto bagaragaza ko bakunze kwibasirwa n'ababambura moto rimwe na rimwe hakagira n'ababiburiramo ubuzima. Bahamya ko aya makuru y'abari kwambura moto bigize abapolisi bamaze kuyamenya ndetse bafashe ingamba zo kwirinda.

Muhayemungu Edimond agira ati: "Akenshi twibasirwa n'abashaka kudukuraho moto zacu bakaziba. Ubu buryo bwo kwambura bitwaje Polisi rero akenshi babufatishaga wa muntu udafite ibyangombwa byuzuye cyangwa ari mu makosa agaragara bakamwumvisha ko adakwiye gukomeza kugenda kuri iyo moto ahubwo bayitwara akaza kuyifata banamwandikira amande. Nk'umuntu uri mu ikosa rero hari igihe atabanzaga gutekereza akizera ko azayisanga kuri Polisi na ho ibisambo byayirenganye."

Kamuka Damas na we yagize ati: "Amayeri y'aba bajura twayamenye. Bagenzi bacu bamaze kwibwa muri ubu buryo kandi kuko izibwe zitafashwe ngo hafatwe n'abazibye, bivuze ko bagihari turangaye natwe byatugeraho. Ubu ntekereza ko nta muntu uzongera kutwaka ibyangombwa atabanje kutugaragariza ko abifitiye uburenganzira."

Abakora akazi ko gutwara moto kandi basabwe kugira uruhare mu kurwanya ibyaha birimo gutunda magendu Ibiyobyabwenge bakanatangira amakuru ku gihe.



I Nyagatare, hari bamwe biyita abapolisi bakiba moto

Gatsibo: Abavomaga ibiziba bahawe umuyoboro w'amazi watwaye asaga miliyoni 705 Frw

HITIMANA Servand

Abaturage bo mu Kagari ka Busetsa, mu Murenge wa Kageyo, mu Karere ka Gatsibo, bavuga ko ubuzima bwabo bwahindutse nyuma yo kubakirwa umuyoboro w'amazi meza wa kilometero 22 watwaye asaga miliyoni 705 z'amafaranga y'u Rwanda, bakareka kuvoma amazi y'ibiziba byo mu bishanga.

Abo baturage bavuga ko bamaze igihe kinini bafite ikibazo cyo kubona amazi meza, ku buryo byabaga ngombwa ko bajya kuvoma mu bishanga amazi mabi, rimwe na rimwe yatobwaga n'amatungo arimo ingurube. Ibi byabagiragaho ingaruka zitandukanye, zirimo umwanda no kubura umwanya wo gukora indi mirimo ibateza imbere.

Kuri ubu, bishimira ko begerejwe amazi meza, bikaborohera kuyabona kandi bikabafasha kugira ubuzima bwiza. Mwubahamana Edith ati: "Inaha twari abatuye mu Midugudu itatu twahuriraga ku ivomo rimwe bigatuma tutabona amazi. Amahitamo yari ahari ni ukuyoboka igishanga aho wasangaga tuvoma amazi ingurube zirirwa zivurugatamo akaba ari yo dukoresha. Ibi byatugiragaho ingaruka zirimo kwibasirwa n'umwanda."

Akomeza agira ati: "Aho batwubakiye uyu muyoboro, amazi yaratwegereye duhabwa amavomo ahagije aho nta mubyigano ugihari. Ubu dufite ubuzima bwiza aho n'umukecuru udafite umuvomera afata akabuni (akabido) gato agasindagira akizanira amazi. Ikindi umwanya twakoreshaga twiruka ku mazi ubu tuwukoresha dukora indi mirimo iduteza imbere."

Ibura ry'amazi ryagiraga ingaruka no ku burezi bw'abana, kuko hari abakererwaga ishuri kubera kujya kuvoma mu masaha ya nijoro, abandi bikabaviramo kurivamo.

Hakizimana Andre ati: "Kubura amazi byatumaga hari abana bava mu ishuri. Umwana yabyukaga saa cyenda z'ijoro ajya kuvoma akagaruka saa moya z'igitondo. Iyo yageraga ku ishuri yakerewe byagiraga ingaruka ku myigire ye akabona amanota make ndetse byamubaho kenshi hari igihe byamucaga intege akarivamo."

Yongeraho ati: "Kubona amazi byabaye igisubizo gikomeye ku mibereho yacu aho dushimira cyane ubuyobozi bwumvise gutakamba kwacu. Uyu munsi nta rwitwazo umubyeyi yagira rwo gukereza umwana yagiye kuvoma kuko ni yo yagenda atayavomye nanjye ndayizanira kuko ari hafi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kageyo, Mutabazi Geofrey, ashima abafatanyabikorwa bagize uruhare mu kugeza amazi meza ku baturage, abasaba kubungabunga ibikorwa remezo bubakiwe.

Ati: "Ni byo abaturage bacu bari bafite ikibazo gikomeye cyo kutagira amazi, ariko muri bwa bufatanye bw'Akarere kacu n'abafatanyabikorwa batwohereza MLFM isanzwe ikora ibikorwa byo kwita ku isuku n'isukura idufasha muri iki gikorwa gikomeye cyo kugeza amazi ku baturage. Biragira impinduka nziza ku mibereho yabo, tunabasaba gufata neza ibi bikorwa ntibyangirike bareba kuko ari ibyabo."

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo ivuga ko igipimo cy'abaturage bagezwaho amazi meza ku rwego rw'igihugu kiri kuri 89,7%. Igaragaza ko hakomeje gushyirwa imbaraga mu kugeza amazi meza hafi y'abaturage bose, binyuze mu ngengo y'imari ya Leta no ku bufatanye n'abafatanyabikorwa.

Kagaga Monique, ushinzwe amazi, isuku n'isukura muri iyi Minisiteri, avuga ko nubwo hari intambwe imaze guterwa, hakiri urugendo rwo kugeza amazi meza kuri bose.

Ati: "Hari intambwe imaze guterwa mu kwegera abaturage amazi ariko haracyari n'urugendo rwo kuyageza kuri bose. Umusanzu w'abafatanyabikorwa muri uru rugendo ni ingenzi cyane kuko bizatuma tugera aho twifuza kugera abaturage bakegerezwa imiyoboro nk'uriya wa Busetsa kandi ikabamo amazi bakenera buri gihe."

Umuyoboro w'amazi wa Busetsa ufite amavomo 19 agenewe abaturage, ndetse unatanga amazi ku bigo by'amashuri bine.

Umuryango Mpuzamahanga ugamije kurwanya inzara ku Isi, MLFM, uvuga ko uzakomeza kugeza ibikorwa nk'ibi ku baturage, cyane cyane abo mu byaro bitaragerwaho n'amazi meza, ukaba uteganya gukomereza ibikorwa byawo mu Karere ka Gicumbi.



Abaturage bavomaga ibiziba bishimiye kuvoma amazi meza

Icyuho mu bumwe n'ubudaheranwa mu Turere twa Huye, Gisagara na Nyanza



Byagaragaye ko mu Turere twa Huye, Gisagara na Nyanza hakiri icyuho mu bipimo by'ubumwe n'ubudaheranwa

BYUKUSENGE Annonciata

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascène, yagaragaje ko Uturere twa Huye, Gisagara na Nyanza tukigaragaramo icyuho mu birebana no kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, nk'uko ubushakashatsi bwo mu mwaka wa 2025 bubigaragaza.

Ubwo bushakashatsi bwakozwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu bwagaragaje ko ikigero cy'ubumwe n'ubudaheranwa muri utwo Turere dufite umwihariko mu mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kiri hasi ugereranyije n'ahandi mu Gihugu.

Mu biganiro ku bumwe n'Ubudaheranwa byatangiwe mu Karere ka Huye ku wa 13 Ukwakira 2026, Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ku gipimo cy'ubumwe n'ubwiyunge muri utu Turere kikiri hasi, uretse Akarere ka Nyanza kari ku mwanya wa kane.

Yagize ati: "Kuba muri utu Turere Jenoside yarakoranywe ubukana, ubumwe n'ubudaheranwa bwakabaye buri ku kigero gishimishije, ariko Gisagara iri ku mwanya wa 26, Huye ku mwanya wa 28, hakaza Nyarugenge na Rusizi. Ibi bigaragaza ko hakiri kwinangira kw'abakoze Jenoside ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside ikaba ikigaragara."

Yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi by'umwihariko mu Majyepfo y'Igihugu, yakoranywe ubukana kandi abari mu myaka y'urubyiruko ngo ni bo bafite umubare munini mu bayikoze.

Ati: "Muri Kaminuza higamo urubyiruko ari na rwo rwarimo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi aho abanyeshuri bishe bagenzi babo. Utu Turere twahuriye hano uyu munsi dufite umwihariko, kuko nko muri Huye kuva taliki ya 21-23 Mata 1994, Abatutsi bagera ku bihumbi 350 bari bamaze kwicwa mu minsi 3 gusa."

Akomeza avuga ko muri utu Turere ari naho hari umubare munini w'abakatiwe kandi bahamwe n'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ati: "Nyanza ifite abantu 81 186, Huye ifite abagera ku 68 506 bahamijwe ibyaha bya Jenoside, naho Gisagara ifite abagera ku 63 200. Utu Turere twihariye imyanya 3 ya mbere."

Hakizimana Anastase, umunyeshuri muri Kaminuza Gatolika akaba yitabiriye ibi biganiro, avuga ko hari bagenzi babo b'urubyiruko bafite amakuru atari yo ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Urubyiruko rumwe rufite amakuru atari yo rukura mu miryango no kumbuga nkoranyambaga. Ingengabitekerezo ya Jenoside mu rubyiruko irimo, ariko kubera ibi biganiro ngiye gukomeza gusangiza bagenzi banjye amakuru nyayo ndetse mbabwire ko bagomba gushishoza igihe basoma

KOMEZA KU RUP.17

Nyamagabe: Abatutsi basaga ibihumbi 20 bishwe mu 1963



Uhereye ibumoso ni Minisitiri wa MINUBUMWE Dr. Bizimana Jean Damascène, uwa MINALOC Dominique Habimana na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Kayitesi Alice

BYUKUSENGE Annonciata

Mu biganiro by' Ubumwe n' Ubudaheranwa byabereye mu Karere ka Nyamagabe byahuje abaturage bo mu Turere twa Nyaruguru na Nyamagabe mu cyahoze ari Gikongoro, hagaragajwe itotezwa ryakorewe Abatutsi bakanicwa.

Mujawayezu Prisca, yavukiye ku Gikongoro mu 1957, ubu ni mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Mugano. Avukana n' abana 12, ariko bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Avuga ko gutoteza Abatutsi bitabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ahubwo yatangiye kare higishwa icengezamatwara n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Ndibuka niga mu mashuri abanza bajyaga baduhagurutsa mu ishuri bareba umubare w'Abatutsi n'Abahutu kugira ngo bohereze amafishi muri Minisiteri."

Akomeza avuga ko iri barura ryo mu mashuri ryamugizeho ingaruka we na bagenzi be, ubwo bari barangije amashuri abanza bagakora ibizamini bya Leta. Ati: "Nakoze ikizamini cya Leta inshuro eshatu ntaremererwa kujya mu mashuri yisumbuye. Umwe mu barimu yabwiye ababyeyi banjye ko ntashobora gutsinda kuko imyirondoro yanjye iri muri Minisiteri."

Bakimenya impamvu adatsinda kandi yari umuhanga ndetse yarabaga n'uwa mbere, ababyeyi be ngo bemeranyijwe ko ava mu ishuri akajya kwiga gutera intabire.

Ati: "Data yari umwarimu ariko akarwara igifu. Baje kumwimura ku kigo yigishagaho bamujyana ku kindi, bambwira ko nzajya nteka nkamugemurira saa sita. Papa yansabiye ishuri aho yari yimukiye, bararimpa nuko nkoze ikizamini ndatsinda, ariko impamvu ni uko uwo mwaka ari njyewe wari wagize amanota asabwa njyenyine."

Urwango n'ivangura ntabwo ryabaga mu mashuri gusa, kuko no mu giturage hajyaga haza indege ya kajugujugu bivugwa ko yagenzuraga ingo z'Abahutu n'Abatutsi.

Ati: "Iyo indege yazaga, abaturage basohokaga mu nzu bakamanika ibitambaro byarangaga amoko bitewe n'ishyaka barimo. Igitambaro gitukura cyarangaga urugo rw'Abahutu naho igitambaro cy'icyatsi kibisi cyarangaga urugo rw'Abatutsi. Papa yahitaga amanika igitambaro gitukura, indege yamara kugenda akongera akamanika icyatsi kibisi kuko indege yazengurukaga mu kirere n'Abahutu bazengurukaga mu ngo n'amaguru."

Minisitiri w'Ubumwe bw'abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène agaruka ku itotezwa n'ubwicanyi byakorewe Abatutsi mu yahoze ari Perefegitura ya Gikongoro by'umwihariko ahitwaga Bufundu na Bunyambiriri, yavuze ko abaturage babanje kubibwamo urwango babwirwa ko Abatutsi atari Abanyarwanda, ahubwo ari abanyamahanga ari yo mpamvu bagomba kurwanywa bakicwa.

Ati: "Taliki 14/7/1963 hakozwe inama ishishikariza abahutu kwica Abatutsi. Iyi nama yari yateguwe na Perefe wa Gikongoro witwaga Nkeramugaba. Yakurikiwe na korali zahimbaga indirimbo zuzuyemo urwango kuburyo twazigaga mu mashuri abanza aho nayize mu Cyanika."

Akomeza avuga ko abahutu batahise bitabira kwica Abatutsi icyo gihe, ahubwo byageze taliki 21/12/1963, Perezida Kayibanda atanga itegeko ryo kwica Abatutsi anavuga ko umuntu uzagaragara nk'aho abakingira ikibaba nawe azicwa akajyana na bo. Ati: "Taliki ya 32/12/1963 Abatutsi bahise batangira kwicwa, abasaga ibihumbi 20 barishwe."

Abavuka mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro bavuga ko bakuze babwirwa ko Abatutsi bicwaga bakajugunywa mu mugenzi wa Rukarara ku buryo amazi yawo yaje guhindura ibara akaba umutuku kubera imirambo yajugunywagamo yatemaguwe.

Ibi biganiro by'Ubumwe n'Ubudaheranwa byateguwe na 'Unity Club Intwararumuri' ku bufatanye na Minisitiri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, bifite insanganyamatsiko iragira iti: 'Ubumwe n'Ubudaheranwa Amahitamo Yacu.'

IBIKURIKIRA URUP.16

Icyuho mu bumwe n'ubudaheranwa mu Turere twa Huye, Gisagara na Nyanza

cyangwa bumva amateka ya Jenoside.

Urubyiruko rwasabwe kwigengesera ku bashobora kubabibamo urwango

Urubyiruko rwitabiriye ibyo biganiro by'ukwezi kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa byabere muri Kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye, rwasabwe gushishoza birinda abashaka kubabibamo urwango n'amacakubiri.

Makuza Anasthase, umwe mu bahoze muri FDLR akaza kwitandukanya na yo agataha mu Rwanda, yagarutse ku icengezamatwara n'urwango bigishijwe ubwo bari urubyiruko mu myaka ya 1990.

Ati: "Twigishijwe ko umwanzi dufite mu Rwanda ari Umututsi, bityo tugomba kumurwanya twivuye inyuma. Ndibuka mu 1990 muri Kaminuza y'u Rwanda habaye imyigaragambyo y'abanyeshuri. Icyo gihe nari umusirikare muto ndi urubyiruko. Batubwiye kuza kuyihagarika, ariko batubwira ko Abatutsi ari bo babyihishe inyuma. Twahise twumva ko abantu bateza imvururu atari abo kwihanganirwa, ndetse bamwe mu batutsi barishwe icyo gihe."

Akomeza avuga ko ubwo bigaga mu mashuri yisumbuye i Nyanza na bwo bakoze urugomo bagamije ko abana b'Abatutsi birukanwa, bafata imihoro bayishyira munsi y'uburiri bwabo kugira ngo bigaragare ko bafitiye Abahutu urwango.

Ati: "Kubera ko twari twarabwiwe ko Abatutsi bateye u Rwanda kandi bazadutema, imihoro twayishyize munsi ya matera baryamaho ku bushake ngo bibe gihamya y'uko biteguye kudutema koko. Ndibuka tugiye kuryama, umwana yararyamye umuhoro uragwa, induru ziravuga, abayobozi baza gusaka bayisanga mu buriri bw'abana b'abatutsi. Mu gitondo bahise babirukana."

Ibiganiro bifite insanganyamatsiko igira iti, 'Ubumwe n'Ubudaheranwa, Amahitamo Yacu', byose byatanzwe byagarutse ku kuba urubyiruko rwarigishijwe kandi rukayoboka amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside, rukaba ari narwo rwakoreshejwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Abitabiriye ibi biganiro bashimiye 'Unity Club Intwararumiri' na MINUBUMWE bateguye ibi biganiro, biyemeza kuba intumwa nziza kandi ko bagiye gushaka ibisubizo birambye ku kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside nubwo bitoroshye no kubwizanya ukuri ku mateka.

RWANDA NATIONAL ENERGY COMPANY

TERMS OF REFERENCE FOR HIRING A PROFESSIONAL RECRUITMENT FIRM

1. Background

Rwanda National Energy Company Ltd (RNEC) is a national energy company mandated to support the Government's long-term energy security, petroleum procurement resilience, infrastructure development, and contribution to the broader energy value chain in line with Rwanda's energy sector strategies and development goals.

As the Company expands its operations and strengthens its institutional capacity, it requires highly competent and experienced professionals across managerial, commercial, technical, and support functions. To ensure transparent, competitive, and high-quality recruitment of talent, RNEC intends to engage a professional recruitment firm with proven expertise in executive and specialized recruitment within the energy, petroleum, and related sectors.

2. Objective

The overall objective of this assignment is to engage a qualified and experienced professional recruitment firm to provide comprehensive recruitment services that will enable Rwanda National Energy Company Ltd to attract, assess, and select high-calibre candidates for various positions in a timely, transparent, competitive, and professional manner.

Specific objectives include:

1. To design and implement effective recruitment strategies tailored to the Company's needs and the energy sector context.
2. To source, screen, and shortlist qualified candidates from local, regional and international talent pools.
3. To support the Company in conducting competency-based assessments, interviews, and reference checks.
4. To support interview scheduling, candidate communication, offer negotiation and appointment processes.
5. To ensure the recruitment process adheres to principles of fairness, equal opportunity, confidentiality, and best human resource practices.
6. To recommend suitable candidates who possess the technical expertise, leadership capabilities, and cultural fit required for success within RNEC.

3. Scope of Work

The selected recruitment firm shall work closely with the Board and Management of Rwanda National Energy Company Ltd and shall be responsible for the following:

- Review and refine job descriptions, person specifications, and competency required for positions to be filled, in consultation with RNEC.
- Advise on appropriate grading, market-related remuneration benchmarks, and attraction strategies for critical roles.
- Develop a detailed recruitment plan and timeline for each assignment or batch of positions.

3.2 Sourcing and Attraction

- Conduct targeted searches using multiple channels, including professional networks, industry databases, online job portals, social media, and direct headhunting.
- Advertise positions on relevant local, regional, and international platforms as agreed with RNEC.
- Proactively identify and approach candidates with relevant energy-sector experience.

3.3 Screening and Assessment

- Receive and log all applications; conduct initial screening against agreed criteria.
- Prepare longlists and shortlists of candidates with supporting evaluation matrices.
- Coordinate and, where required, administer psychometric assessments, technical tests, or competency-based evaluations.
- Facilitate and participate in interview panels as requested by RNEC.

3.4 Selection Support and Due Diligence

- Conduct thorough reference and background checks on shortlisted candidates.
- Prepare comprehensive candidate assessment reports and recommendations.
- Support offer negotiations and onboarding coordination as required.

3.5 Reporting and Documentation

- Maintain complete and confidential records of the recruitment process.
- Provide regular progress reports and a final recruitment report for each assignment.
- Ensure full compliance with applicable Rwandan labour laws, data protection requirements, and RNEC policies.

4. Key Roles (Positions) to be Recruited

The recruitment firm shall support RNEC in filling the following critical positions under a two-phase approach. Phase 1 focuses on establishing core leadership and essential support functions required for immediate operational readiness. Phase 2 focuses the financial, commercial, compliance, IT functions, and accounting capacity needed for full business operations.

Recruitment Categories and Fees

The positions to be recruited under this assignment shall be categorized into three main levels, namely:

- Senior Management Positions;
- Management Positions; and
- Officer Positions.

The above categories shall form the basis for determining and quoting the applicable recruitment fees by the recruitment firm. The firm shall clearly indicate its recruitment fee for each category in its financial proposal. See details below on recruitment positions under categories and phases:

3.1 Phase 1 – Leadership and Essential Support Positions

These positions are prioritised for immediate recruitment to establish strategic leadership, legal and governance foundations, human resource capacity, procurement systems, information technology infrastructure, and administrative support.

Position	Category	Summary of Key Responsibilities
Chief Executive Officer (CEO)	Senior management	Provide overall strategic leadership and direction for RNEC; ensure alignment with national energy policy and government priorities; oversee organisational performance, governance, and stakeholder relations; drive institutional development, operational excellence, and sustainable growth of the Company.
Chief Finance Officer (CFO)	Senior Management	Lead the financial strategy, planning, budgeting, and reporting of RNEC; oversee treasury, accounting, and financial control functions; ensure sound financial management, cost efficiency, and compliance with financial management standards and best practices; support commercial viability and investment decision-making.
General manager, Sales	Senior Management	Drive revenue growth, market expansion, coordinating stakeholder engagement including Oil Marketing Companies (OMCs), regulator, local, regional and international partners and key stakeholders. He/she will coordinate the interface between operations, clients and key stakeholders.
Legal Officer / Manager	Management or Officer	Provide legal advice and support on all corporate, commercial, and regulatory matters; draft, review, and negotiate contracts and agreements; ensure compliance with applicable laws and regulations; manage litigation and dispute resolution; support corporate governance and company secretarial functions.
HR Manager	Management	Lead the development and implementation of human resource strategies, policies, and systems; oversee talent acquisition, performance management, learning and development, and employee relations; ensure compliance with labour laws; support organisational design and culture building.
Procurement Officer / Manager	Management or Officer	Manage end-to-end procurement processes for goods, works, and services in accordance with applicable procurement regulations; prepare bidding documents, evaluate tenders, and manage contracts; ensure value for money, transparency, and compliance; maintain supplier databases and performance monitoring.
IT Manager	Management	Lead the design, implementation, and maintenance of the Company's information technology systems and infrastructure; ensure data security, system reliability, and business continuity; support digitalisation of operations; manage IT service providers and provide user support and training.
Senior Accountant (2 positions)	Officer	Oversee day-to-day accounting operations, including general ledger, accounts payable/receivable, fixed assets, and period-end closing; prepare accurate financial statements and management reports; ensure compliance with accounting standards and internal controls; support external audits.
Supply and Trading Assistant (2 positions)	Officer	Support petroleum supply and trading operations, including order processing, documentation, vessel tracking, inventory monitoring, and coordination with OMCs, transporters, and terminals; maintain accurate records of transactions and assist in market data analysis and reporting.

3.2 Phase 2 – Finance, Commercial and Compliance Positions

These positions will be recruited to strengthen financial management, commercial/sales operations, regulatory compliance, and accounting capacity essential for petroleum trading, supply chain activities, and sound financial governance.

Position	Position	Summary of Key Responsibilities
Compliance Officer	Officer	Develop, implement, and monitor the Company's compliance framework; ensure adherence to regulatory requirements (including energy, petroleum, environmental, and anti-corruption regulations); conduct compliance risk assessments; promote a culture of integrity and ethical conduct across the organisation.
Accountant (2 positions)	Officer	Perform routine accounting tasks including processing invoices, reconciling accounts, maintaining ledgers, and supporting preparation of financial reports; assist the Senior Accountant and Finance Manager in ensuring accurate and timely financial records and compliance with internal procedures.
Admin Officer	Officer	Provide comprehensive administrative and office management support; coordinate logistics, facilities, records management, and general office operations; support meetings, travel arrangements, and correspondence; ensure efficient day-to-day running of the administrative function.

Note: RNEC can adjust positions to be recruited under each phase upon consultation with the firm.

5. Deliverables

The recruitment firm shall produce the following key deliverables for each recruitment assignment (or batch of positions):

- **Inception Report / Recruitment Plan:** Detailed methodology, timeline, sourcing strategy, and communication plan (within 7–10 working days of assignment commencement).
- **Job Advertisements and Attraction Materials:** Professionally drafted advertisements and outreach content.
- **Longlist and Shortlist Reports:** Documented candidate profiles with evaluation scores against agreed criteria.
- **Interview and Assessment Support:** Interview guides, assessment tools, and facilitation support.
- **Candidate Assessment Reports:** Detailed evaluation of shortlisted candidates, including strengths, development areas, and recommendations.
- **Reference and Background Check Reports:** Verified information on preferred/recommended candidates.
- **Final Recruitment Report:** Summary of the process, recruitment outcomes, lessons learned, and recommendations for future recruitment.
- **Handover Documentation:** Complete candidate files and process records transferred to RNEC management.

6. Required Experience and Qualifications

6.1 Experience of the Recruitment Firm

The firm must demonstrate the following:

- A minimum of seven (7) years of continuous experience in professional recruitment and executive search services.
- Proven track record of successful recruitment for energy, power, petroleum, utilities, or related sectors in Rwanda with the ability to recruit regionally and internationally.
- Demonstrated experience in recruiting for senior management, technical specialists, and mid-level professional positions.
- Strong networks and databases of talent within the energy and petroleum sectors, both regionally and internationally.

RWANDA NATIONAL ENERGY COMPANY

- Sound knowledge of Rwandan labour laws, employment regulations, and best practices in human resource management.
- Proven capacity to maintain the highest standards of confidentiality, professionalism, and ethical conduct.
- Valid registration and license to operate recruitment services in Rwanda.

6.2 Experience and Qualifications of the Proposed Team

The firm shall propose a core team with the following minimum requirements:

Team Leader / Lead Consultant

- Master's degree in Human Resource Management, Business Administration, or a related field.
- At least ten (10) years of progressive experience in executive search and recruitment, with a minimum of five (5) years in a lead capacity.
- Demonstrated experience managing recruitment assignments for energy, petroleum, or utilities clients.

Senior Recruitment Consultant(s)

- Bachelor's degree (Master's preferred) in Human Resources, Business, or related discipline.
- Minimum of five (5) years of hands-on recruitment experience, including sourcing and assessment of technical and managerial talent.
- Demonstrated experience conducting recruitment assignments for energy, petroleum, or utilities clients.
- Experience in competency-based interviewing and candidate evaluation.

Support / Research Staff

- Adequate research and administrative capacity to support candidate sourcing, database management, and planning.

7. Duration of the Assignment

The engagement shall be structured as a framework agreement for an initial period of **one (1) year**, renewable for additional periods subject to satisfactory performance and mutual agreement.

The firm shall remain available for support during the offer and onboarding stages of successful candidates as reasonably required.

8. Reporting Arrangement

The recruitment firm shall report to RNEC Board and Senior Management.

Reporting requirements shall include:

1. An inception meeting and submission of the Inception Report / Recruitment Plan.
2. Bi-weekly (or as otherwise agreed) progress updates during active recruitment campaigns.
3. Formal presentation of longlists and shortlists to the designated RNEC panel.
4. Submission of all candidate assessment and final recruitment reports.
5. Immediate escalation of any material issues or risks that may affect the quality or timeline of the recruitment process.

Reporting Requirements details

Submission of an inception report should be within 7 days after being contacted for any prospective assignment. The inception reports should be less than ten pages, setting out the work programme to complete the assignment.

After finalizing the interview process and obtaining references, the consultant firm shall then prepare and submit a brief recruitment report to RNEC Board and Management. The report will be a summary of the recruitment process and will contain the list of selected candidates, results of the written and oral interview exams. It will further contain the recommendations on the suitable candidates ranked by order of preference and final communication to successful candidate(s). The report shall be written in English.

9. Evaluation Criteria

Proposals will be evaluated using a Quality- and Cost-Based Selection (QCBS) approach. Technical evaluation will precede financial evaluation. Only firms that score a minimum of **70 points** out of 100 on the technical evaluation will have their financial proposals considered.

9.1 Preliminary and Administrative Evaluation

- ➢ A Copy of Trading License together with full RDB Registration certificate
- ➢ Payment of tender document of 10,000Frw
- ➢ Valid copy of the Social Security certificate (RSSB)
- ➢ Valid copy of Tax clearance certificate (RRA)
- ➢ VAT Certificate
- ➢ Bid security of Frw 570,000 provided by bank or any financial institution

9.2 Technical Evaluation Criteria (100 points)

No.	Evaluation Criterion	Maximum Points
1	Firm's general experience and track record in professional recruitment (minimum 7 years, evidenced by good completion certificate(s)	**7**
2	Specific experience in energy, power, petroleum or utilities sector recruitment (Rwanda / East Africa). Quality of previous similar assignments (justified by at least two service certificates / at least 2 good completion certificates in reputable institution). Each certificate of good completion will be awarded 10 marks.	**20**
3	Quality of proposed methodology: - work plan / 10 marks - Understanding of the assignment and value-added approach (including diversity and local talent development considerations) / 10 marks	**20**
4	Qualifications and experience of the proposed key staff: **1. Team Leader / Lead Consultant / 23 marks** **Required degree:** 8 marks **Required experience / 15 marks** ✓ Required progressive experience in executive search / **10 marks** (Each proven year will be marked 1 mark) ✓ Required lead capacity/ **5 marks** (each proven year will be marked 1 mark) **2. Senior Recruitment Consultant(s) / 20 marks** **Required degree:** 10 marks **Required experience:** 10 marks (each proven year will be marked 2 marks)	**43**
5	Participation of nationals / Each Rwandan staff proven by presentation of national Identity card (ID) will be marked 5 marks	**10**
	Total Technical Score	**100**

9.2 Financial Evaluation

Financial proposals of technically qualified firms will be evaluated. The firm with the lowest evaluated financial proposal will receive the maximum financial score. Other firms will receive proportional scores. The final combined score will be calculated using a weighting of **70% technical** and **30% financial**.

9.3 Payment Modalities

Payment for the recruitment services shall be made in three instalments, subject to satisfactory performance and acceptance of the deliverables by the Client, as follows:

1. **First Payment (inception report)**
   Twenty percent (20%) of the contract amount shall be paid upon signing of the contract and submission and approval of the detailed recruitment work plan, methodology, and implementation schedule.
2. **Second Payment – (progress report)**
   Forty percent (40%) of the contract amount shall be paid upon satisfactory completion of the recruitment and candidate sourcing activities, including advertisement, candidate sourcing, screening, assessment, and submission of the recommended candidate(s) for the respective positions.
3. **Third Payment – (final report and handover documentation)**
   Forty percent (40%) of the contract amount shall be paid upon satisfactory completion of the recruitment assignment and submission and acceptance of the final recruitment report and handover documentation.

   Note: The cost breakdown should be submitted in line with the recruitment categories under section 4 as part of financial proposal.

All payments shall be made upon submission of the required deliverables, acceptance by the Client, and submission of a valid invoice and any other documents required under the contract.

9.4 Final Selection

The firm achieving the highest combined technical and financial score will be invited for contract negotiation. RNEC reserves the right to negotiate terms, request clarifications, or reject any or all proposals.

10. Submission of Proposals

Prospective recruitment firms are invited to submit a technical and financial proposal in accordance with the instructions under the TORS clearly demonstrate understanding of the assignment, relevant experience, proposed methodology and work plan, and the qualifications of the proposed team accompanied with proof of payment of 10,000 frw on the account: 21168609001 in I&M bank in the name of Rwanda National Energy Company Ltd.

How to Submit Your proposal

Submission Deadline: 30 October 2026 (Kigali Time)

Submission Format: Electronic (all in one PDF) on email.

Note: Late submissions will be automatically disqualified.

Email Address: info@rnec.co.rw
Rwanda National Energy Company Ltd
Kigali, Rwanda

ITANGAZO RY'ISOKO

UBUDASA SACCO BUGESERA
Akarere ka Bugesera
E-mail: ubudasasaccobugesera@gmail.com

TENDER NOTICE: PROVISION OF LEGAL SERVICES TO UBUDASA SACCO BUGESERA

Tender name: Provision of Legal Services

Reference No.: 0001/USB/QCBS/2026

Source of Funds: Generated Income

1. Invitation to Tender

Ubudasa SACCO Bugesera ("USB") invites qualified individual lawyers and law firms authorised to practise in Rwanda to submit proposals for the provision of legal services for one year Contract, in accordance with the Terms of Reference ("TOR").

2. Scope of Services

The assignment is limited to:

- **Legal compliance:** Review and advise on compliance with relevant laws, regulations, and cooperative statutes; identify compliance gaps; and recommend corrective measures.
- **Representation:** Represent USB in legal proceedings and negotiations when instructed and authorised.
- **Legal documents:** Draft, review, and manage USB's legal documents, including agreements, statutes, resolutions, and legal notices.

The detailed responsibilities, deliverables, and service standards are set out in the TOR.

3. Eligibility and Qualifications

Applicants must demonstrate:

- Recognised legal qualifications and current authorisation to practise in Rwanda, including valid practising certificates for lawyers undertaking advocacy work.
- At least 3 years of relevant post-qualification experience for the proposed lead Lawyer.
- Relevant experience with SACCOs, cooperatives, financial institutions, or comparable regulated organisations.
- Experience in compliance advice, legal proceedings, negotiations, and legal drafting.
- Working proficiency in Kinyarwanda and English, adequate availability, and no conflict of interest preventing the assignment.

4. Required Proposal Documents

Applicants must submit a **technical proposal** containing their methodology, firm profile where applicable, CVs, evidence of qualifications and practising authorisation, relevant assignments, three professional references, and declarations of conflicts of interest and relevant disciplinary matters.

A **separate financial proposal** must state the proposed retainer, included services, additional fees, applicable taxes, expenses, and exclusions. Evidence of professional indemnity insurance should be provided if held.

5. Access to TOR and Submission

The TOR may be obtained from Ubudasa Saco Bugesera Head Office located at Nyamata City, Rugarama I Cell. Requests for clarification must be submitted to "**ubudasasaccobugesera@gmail.com**" by 15th October, 2026 and material clarifications will be shared with all applicants who obtained the TOR, upon presentation of proof of payment of ten thousand (**FRW 10,000**) as non-refundable fees to the bank **Account N° 100233444116** in the name of Ubudasa Sacco Bugesera opened at Bank of Kigali (BK).

Proposals must be physically delivered to Ubudasa Sacco Bugesera Office no later than **29th October,2026 AT 2:00 am Local time**, clearly marked **"Provision of Legal Services to USB — 0001/USB/QCBS/2026"**. Technical and financial proposals must be submitted as separately labelled files or sealed envelopes, according to the submission method. Late proposals will not be considered.

Done at Bugesera, on 08th October, 2026

Pierre Claver MAZIMPAKA
Managing Director

ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa KIGALI
Akarere ka Nyarugenge
Umurenge wa Gitega

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gitega burahamagarira ba Rwiyemezamirimo,Koperative n'abantu ku giti cyabo babyifuza banditse mu gitabo cy'ubucuruzi no muri TVA kandi bafite ubushobozi bwo gupiganira amasoko akurikira:

NO	NUMERO DE REFERENCE	IZINA RY'ISOKO	IGIHE NTARENGWA CYO GUTANGA DOSSIER	AHO AMAFARANGA AZATURUKA
1	P000002/2026/2027/ GITEGA SECTOR	Isoko gukora imashini n'ibindi bikoresho bya elegitoroniki(Maintenance of machine and other electronic materials)	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
2	P000003/2026/2027/ GITEGA SECTOR	Isoko ryo gutanga ibiribwa n'ibinyobwa mu nama n'ibirori bitegurwa n'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
3	P000007/2026/2027/ GITEGA SECTOR	Isoko ryo gutwara courrier z'umurenge	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
4	P000008/2026/2027/ GITEGA SECTOR	Isoko ryo koza ibinyabiziga by'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega
5	P000009/2026/2027/ GITEGA SECTOR	Isoko ryo gusana inyubako z'umurenge wa Gitega	16/11/2026 saa yine za mugitondo	Amafaranga azava mu ngengo y'imari y'Umurenge wa Gitega

Ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa biboneka mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gitega guhera tariki ya 02/11/2026,herekanywe urupapuro rwishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi y'u Rwanda(**10,000Frws**) adasubizwa kuri Konti N° **00040-06977170-96** y'Umurenge wa Gitega ifunguwe muri Banki ya Kigali(BK).

Amabahasha afunze neza, **yanditseho gusa inyito y'isoko nkuko igaragara mu mbonerahamwe iri hejuru**,arimo ibiciro,inyandiko y'ipiganwa imwe y'umwimerere na kopi eshatu(3) zayo bizatangwa mu bunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Gitega bitarenze tariki ya **16/11/2026** saa yine za mu gitondo(**10h:00'**). Gufungura amabahasha arimo inyandiko zipiganwa bizakorwa kuri iyo tariki ya 16/11/2026 saa yine n'igice(**10h:30'**) mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Gitega.

Bikorewe i Gitega kuwa 16/10/2026

MUREBWAYIRE Alphousine
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' umurenge wa Gitega

ITANGAZO RY'ISOKO

قطـر الخيرية
QATAR CHARITY
qcharity.org

Tender Announcement

Qatar Charity Office – Rwanda invites eligible and qualified suppliers to participate in the tender for the Supply and Delivery of School Feeding Materials, in accordance with the following details.

Tender Number	Brief Description of Required Items, Works, and Services	Request Classification	Envelope System	Bid Security	Document Fee	Closing Date
QCRW/2026/015	• 36,000 kg Maize Flour • 21,000 kg Pakistan Rice • 26,000 kg Beans • 5,000 liters Local Vegetable Cooking Oil	Supply	QR code (separate technical and financial bids)	NOT REQUIRED	NO FEES	26/10/2026 4:00 PM

- To obtain the tender documents, email **qcrwanda@qcharity.org**, stating the company name and Tender No. **QCRW/2026/015**.
- Submit the technical and financial bids separately through the QR code by **October 26, 2026**, at **4:00 PM**. By the same deadline, deliver one sample of each proposed product to **Qatar Charity Office – Rwanda, KG 313 St, Kibagabaga, No. 8C**. Late bids or missing samples may not be evaluated.

QR code for technical

QR code for financial

ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
MINEDUC
NELSON MANDELA T.S.S
BP: 102 NYAMATA
Email: nelsonmandelatvet@gmail.com
Tel:0788492699/0786504821

TENDER NOTICE

1. **The Nelson Mandela Technical Secondary School** hereinafter called Client has funds towards the cost of Tender for Supply of teaching materials divided into 3 Lots;
   - **LOT 1: Electrical Technology materials**
   - **LOT 2: Building Construction materials**
   - **LOT 3: Renewable Energy materials**
2. **The Nelson Mandela Technical Secondary School** invites eligible bidders to submit bids for Tender for Supply of teaching materials as indicated in detail in the statement of Requirements. Participation to the competition is open on equal conditions to all companies specialized in the field.
3. **The tender document may be obtained from The Nelson Mandela TSS, Bugesera District, Ntarama Sector at any working day from 8:00 am to 5:00Pm upon payment of non – refundable fees of ten thousand Rwanda Francs (10,000 Rwf) on the school account No: 00062-00364902-44 opened at Bank of Kigali.**
4. **The bids will be subsnitted at the school office not later than 13 /11 /2026 at 10:00 AM local time. Late bid will not be accepted. Bid will be opened on the same day at 10:30 AM local time.**
5. **The bids shall remain valid for a period of 120 days starting from the submission deadline.**
6. **All interested bidders may obtain some complementary information by writing from Nelson Mandela TSS within three sixths (3/6) of the deadline period for the submission of tenders as of the date of tender notice publication before the fixed deadline for the submission of bids.**
7. **Bidding will be conducted in accordance with the Law N0 62 18 of 25 08 2018 Governing Public Procurement.**

RUTABANA Theophile
School Manager

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri rya **ES KAVUMU/TSS** rihereyeye mu karere ka **NGORORERO**, Umurenge wa **KAVUMU** buramenyesha abantu bose babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ry'ibikoresho byo kwigiraho bishira (**consumables**) no **kugemura ibiribwa byo kugaburira Abanyeshuri biga Imyuga y'igihe gito** (Amezi Atandatu) muri uyu mwaka w'amashuri **2026-2027**.

- Ibikoresho bizakenerwa ni ibyo mu mashami ya **Wood technology** na **Manifacturing Technology .**
- Ibiribwa bizakenerwa ni Ibishyimbo**, Akawunga**, **umuceri**, **Ifu y'imvange**, **Isukari n'Umunyu.**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza arambuye agenga iri soko mwabisanga ku bunyamabanga bw'iri shuri guhera ku wa **13/10/2026** mu masaha y'akazi, bitwaje bordereau yishyuriweho 10000 frs adasubizwa kuri konti No **72899** ihereye mu **UMWALIMU SACCO**,

Amabahasha afunze neza arimo **ibitabo 2** (kimwe cy'umwimerere na kopi imwe) bizagezwa mu biro by'ubunyamabanga (secretariat) bw'ishuri bitarenze itariki ya **02/11/2026** saa sita z'amanywa (**12h00**) zuzuye ; amabaruwa akazafungurirwa mu ruhame kuri uwo munsi saa saba zuzuye (**13h00**) ku biro bya **ES KAVUMU/TSS**.

Abifuza ibindi bisobanuro bagana ibiro by'ishuri mu masaha y'akazi, cyangwa bagahamagara kuri imwe muri izi telephones: **0786001050/ 0783081008/ 0788265530.**

Bikorewe kuri **ES KAVUMU/TSS** ku wa **12/10/2026**

NSHIMIYIMANA Wellars

Umuyobozi w'Ishuri rya **ES KAVUMU/TSS**

ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

Ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri cya GS BUYE TSS kibarizwa mu murenge wa Mageragere Akarere ka Nyarugenge burifuza gutanga amasoko mu buryo bukurikira :

Lot 01/FBO/GSB2026-2027: Ibikoresho byo mu ishami ry'ubutetsi (TVET training consumables in FBO) .**Lot 02/BDC/GSB2026-2027** : Ibikoresho byo mu bwubatsi (TVET training consumables in BDC) .**Lot 03/RHB/GSB2026-2027** :Gusana inyubako .

Ababyifuza kandi babifitiye ubushobozi, bandikire ubuyobozi bw'ishuri, berekana ibiciro by'icyiciro cy'isoko bashaka gupiganira. Itariki ya nyuma yo kugeza amabaruwa ku ishuri ni ku wa **09 / 11 /2026 i saa yine za mugitondo (10h00).** Gufungura amabahasha bizabera mu cyumba cy'inama cya GS BUYE TSS uwo munsi i saa tanu (**11h00'**) z'amanywa.**NB** :**Lot 01 na Lot 02** zishobora gupiganirwa na Rwiyemezamirimo umwe.Naho **lot03 igapiganirwa** ukwayo n'undi rwiyemezamirimo . **Ibindi** bisobanuro n'amabwiriza **biboneka** mu gitabo kiboneka mu bunyamabanga **bw'ishuri hamaze kwerekanwa** borudero yishyuriweho amafaranga **ibihumbi bitanu (5000Frws) kuri** buri cyiciro kizapiganirwa adasubizwa **yishyurwa kuri konti y'ishuri NO : 0000096082** ibarizwa mu Umwarimu **Sacco, Ishami rya Nyarugenge, Ibindi bisobanuro mwabaza kuri N º ya Tel. : 0788600955.**

Bikorewe GS BUYE TSS, **ku wa 0 9 / 10 /2026.**

RUKUNDO EMMANUEL

Umuyobozi wa **GS BUYE TSS.**

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **PMT-2026-721146** CYO KUWA **07/09/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA W'IKIGO CY'IMALI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **Me MUKANOHERI FRANCINE** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWAGENEWE GUTURWA BUBARUWE KURI **UPI : 1/02/14/01/2414** BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA **GAKENYERI** AKAGARI KA **BISENGA**; UMURENGE WA **RUSORORO**; AKARERE KA **GASABO** ; INTARA **Y'UMUJYI WA KIGALI**;

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:

CYAMUNARA	UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,IKANARANGIRIRAHO	ISAHA
-	-	-
INSHURO YA 2	IZATANGIRA KU WA 14/10/2026 IRANGIRE KU WA 21/10/2026	SAA TANU(11H00)
INSHURO YA 3 ARINAYO YA NYUMA	IZATANGIRA KUWA 23/10/2026 IRANGIRE KUWA30/10/2026	SAA TANU (11H00)

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **544 M²**, UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA MILIYONI UMUNANE N'IBIHUMBI MAGANABIRI **(8,200,000FRW).**

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW BAKABA BASABWA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA **5%** Y'IGICIRO FATIZO CYA **8,200,000FRW** ARIYO AHWANYE NA **(8,200,000×5%) = 410,000FRW** KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGALI (BK); UPIGANWA AHABWA ABANJYE KUBISABIRA UBURENGANZIRA MURI SISITEME YA CYAMUNARA.

-GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

- UWIFUZA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788268415**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.IECMS.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: **100250096687 YA PBA/RANGIZWA RY'INYANDIKOMPESHA** IRI MURI **BANKI YA KIGALI (BK)** .

BIKOREWE I RUBAVU, KUWA **12/10/2026**

USHINZWE KUGURISHA INGWATE:
Me MUKANOHERI FRANCINE

Imvaho Nshya Imyidagaduro

Bamwe mu byamamare bashenguwe n'urupfu rw'umuhanzikazi Nyiranyamibwa



Nyakwigendera Nyiranyamibwa Suzanne asize icyuho mu buhanzi, kuko yari umuhanzi w'inararibonye

MUTETERAZINA Shifah

Bamwe mu byamamare nyarwanda bashenguwe n'urupfu rw'umuhanzikazi wari inararibonye, nyakwigendera Nyiranyamibwa Suzanne, bamugenera ubutumwa abandi bagaragaza ibyo bamwibukaho kandi bahamya ko u Rwanda ruhombye umuntu w'ingirakamaro.

Inkuru y'akababaro y'urupfu rwa Nyiranyamibwa Suzanne yatangajwe ku gicamunsi cyo ku wa Gatanu tariki ya 16 Ukwakira 2026, umuryango we wemeza ko yazize uburwayi.

Ni inkuru yashegeshe abakunzi b'umuziki batangira kwandika ubutumwa bugaragaza uko bababajwe n'itabaruka ry'uwo bafataga nk'umubyeyi, inshuti n'umunyempano udasanzwe.

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damscène yifashishije urubuga rwa X yagaragaje ko u Rwanda rwahombye umuhanzi w'inararibonye, nyamibwa rwagarutse ku bihe bagiranye n'uburyo yari afite umuco wo kumwibutsa indirimbo ye, ishishikariza Abanyarwanda kurinda ibyagezweho. Yagize ati: "Yambwiraga ngo ntiwibagirwe indirimbo yawe 'Ntawabisenya ndeba'!"

Umuyobozi w'Itorero Inyamibwa, Rusagara Rodrigue, na we yunamiye Nyiranyamibwa, agaragaza ko yari umuhanzi ufite ubuhanga bukomeye mu byo yakoraga. Yagize ati: "Ni umuhanzikazi w'umuhanga tuzakomeza kwibuka. Njye mvuga ko ubuhanga bwe bwakabaye bwigishwa mu mashuri y'umuco!"

Audia Intore uri mu bahanzi b'injyana gakondo bo mu kiragano gishya yanditse ati: "Mubyeyi mwiza nabuze icyo mvuga, gusa Imana igutuze aheza."

Nyirinkindi uzwi cyane mu ndirimbo zirimo iyitwa Mwarakoze Inkotanyi na we yashegeshwe n'urupfu rwa Nyiranyamibwa Ati: "Ugiye nkigukeneye mama Nyiranyamibwa, Ruhukira mu mahoro intwari icyuye igihe irataha, uti: 'Mwana wanjye i mahanga hari ikirere kibi reka nigarukire iwacu', naho wari utashye koko! Sinzakwibagirwa.!"

Umuririmbyi Mwafurika Charles na we yagaragaje ko Nyiranyamibwa yari nk'umubyeyi wabo. Ati: Ruhukira mu mahoro mubyeyi."

Nyiranyamibwa yari amaze imyaka isaga 50 mu muziki aho yaririmbye indirimbo nyinshi zirimo 'Ese mbaze nde? Nimuberwe bakobwa, "Telefoni ko itataba, Turaje n'izindi."

Nyakwigendera Nyiranyamibwa yanyuze mu buzima bw'ubuhunzi, Yavutse mu 1943 nyuma mu 1973 yavuye mu Rwanda kubera itotezwa ryakorerwaga Abatutsi, ubwo yari afite imyaka 30 akerekeza muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mbere yo gukomereza mu Bubiligi. Yitabye Imana afite imyaka 83.

ukomeye.

Yanditse ati: "Uruhukire mu mahoro mubyeyi, muvandimwe, nshuti ya benshi, Intore, Imfura y'ababyeyi Suzana Nyiranyamibwa. Utabarutse ukunzwe, wahojeje abatagira ingano, amarira y'agahinda n'akababaro u Rwanda rwatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."


Ndakwibuka nk'ejo mu minsi ijana yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, utaramye uhoza abababaye, uririmbira abatahutse barimbuwe bazizwa uko baremwe. Tuzagukumbura Nyiranyamibwa mwiza."

Umuhanzi Massamba Intore we yatangaje ko Nyiranyamubwa yari umuhanzi mwiza kandi akaba n'umubyeyi mwiza. Yagize ati: "Yari umubyeyi uganira neza cyane. Duhombye umuhimbyi w'inganzo nyayo."

Ubuyobozi bw'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA) bwahaye icyubahiro Nyiranyamibwa wakoze indirimbo isingiza ikipe y'Igihugu Amavubi, yise 'Ayo ni Amavubi'.

Bwanditse buti: "Madamu Nyiranyamibwa, tuzahora tuzirikana urukundo wakundaga ruhago, cyane cyane Amavubi. Uruhukire mu mahoro."

Naho umuhanzi Senderi International Hit yagaragaje ko kuri we urwibutso rwa Nyira-



ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO PMT- 2026-366658 CYO KUWA 02/09/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 2/08/02/02/5858, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 616 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 35.630.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA RYAGASHAZA, AKAGARI KA BUNYONGA, UMURENGE WA KARAMA, AKARERE KA KAMONYI MU NTARA YAMAJYEPFO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 16/10/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 23/10/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 1.781.500FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 100250096687 IRI MURI BK MU MAZINA Y'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA IKABA ARI KONTI YAFUNGURIWE KUNYUZWAHO AMAFARANGA AVUYE MU NYANDIKOMPESHA.

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE KUGURISHA INGWATE
Tel: 0788686978

Amavubi U17 yananiwe kugera ku mukino wa CECAFA asezererwa na Somalia

SHEMA Ivan

Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'abatarengeje imyaka 17, 'Amavubi U17' yabuze amahirwe yo kugera ku mukino wa CECAFA, nyuma yo gutsindwa na Somalia Penaliti 5-4 ubwo bari bamaze kunganya igitego 1-1 mu minota 90 isanzwe y'umukino.



Torero Pacifique agerageza gucenga

Uyu mukino wa ½ wabereye kuri Kigali Pele Stadium, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 17 Ukwakira 2026.

U Rwanda rwagiye gukina uyu mukino rusabwa gutsinda kugira ngo rukatishe itike y'umukino wa nyuma no kugera mu Gikombe cya Afurika cy'ingimbi ruherukamo mu 2011. U Rwanda rwatangiye umukino ruri hejuru, rusatira izamu rya Somalia ndetse rubona uburyo butandukanye bwo gutsinda, gusa umunyezamu n'ubwugarizi bw'iyi kipe bakomeza kwitwara neza.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa. Mu gice cya kabiri, Amavubi yakomeje kwiharira umukino no kurema uburyo bwashoboraga kuvamo ibitego, ariko ntiyabubyaza umusaruro uko bikwiye.

Byasabye gutegereza ku munota wa 63 ubwo Patrick Ujeneza yatsindaga igitego cya mbere cy'Amavubi U17 nyuma yo gucenga abakinnyi batatu ba Somalia, umupira awushyira mu rushundura.

Nyuma y'iminota ine gusa, yishyuriye Somalia nyuma yo gucenga ba myugariro b'Amavubi, ahita atera ishoti rikomeye umupira uruhukira mu izamu. Nta kindi gitego cyabonetse kugeza iminota 90 y'umukino irangiye amakipe yombi anganya igitego 1-1 hitabazwa penaliti.

Umwanya wo gutera penaliti ntabwo wahiriye abasore b'Amavubi ku bw'abakinnyi bayo Kwizera Charles, Patrick Ujeneza na Ndizeye Isaac, bahushije penaliti muri zirindwi zatewe, mu gihe Somalia yinjije 5 kuri 4 z'Amavubi, bihesha amahirwe Somalia yo kugera ku mukino wa nyuma wa CECAFA. Gutsindwa byatumye u Rwanda ruzahura na Ethiopia bizahanganira umwanya wa gatatu,uzaweguka akazitabira igikombe cya Afurika.

Ku mukino wa nyuma Somalia izahura na Uganda yasezereye Ethiopia nyuma yo kuyinyagira ibitego 4-0. Ibihugu byombi byamaze kubona itike y'Igikombe cya Afurika cya 2027 kizabera mu Misiri.

Imikino ya nyuma yose iteganyijwe ku wa Mbere, tariki ya 19 Ukwakira 2026, kuri Kigali Pele Stadium.

APR FC yatsinzwe na Zamalek SC muri CAF Champions League



APR FC yatsinzwe na Zamalek SC yo mu Misiri igitego 1-0

SHEMA Ivan

APR FC yatsinzwe na Zamalek SC yo mu Misiri igitego 1-0 mu mukino ubanza w'ijonjora rya kabiri rya CAF Champions League wabereye kuri Stade Amahoro ku mugoroba wo ku wa Gatanu, tariki ya 16 Ukwakira 2026.

APR FC yari imbere y'abafana yatangiye umukino n'imbaraga nyinshi isatira cyane izamu rya Zamalek SC ishaka igitego hakiri kare.

Mu minota 15, iyi kipe y'Ingabo z'Igihugu yakomeje gusatira izamu rya Zamalek ishaka gutsinda igitego ariko ikagorwa no kumena urukuta rwayo, mu gihe iyi kipe yo mu Misiri na yo yanyuzagamo igasatira ariko ba rutahizamu bayo bakirangaraho.

Mu minota 30, iyi kipe y'Ingabo z'Igihugu yakomeje gusatira harimo ishoti rikomeye ryatewe na Uwiyaremye Fidali, umupira ushyirwa muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 45, APR FC yongeye kubona amahirwe yo gufungura amazamu ku ikosa Ishimwe Christian yahannye, umupira ukubita umutambiko w'izamu, umunyezamu akoraho ujya muri koruneri itagize icyo itanga. Igice cya mbere cyarangiye amakipe anganya ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, APR FC yakomeje gusatira bikomeye izamu rya Zamalek SC harimo koruneri zikurikanya yabonye, ariko ubwugarizi n'umunyezamu wa Zamalek SC bakomeza guhagarara neza.

Ku munota wa 53, Iyi kipe y'Ingabo yibwiraga ko yafunguye amazamu ku gitego cyari gitsinzwe na Djibril Ouattara ariko umusifuzi wo ku ruhande, agaragaza ko yaraririye.

Ku munota wa 60, Umutoza wa APR FC, Abderrahim Taleb, yakoze impinduka Uwiyaremye Fidali asimburwa na Hakim Kiwanuka.

Mu minota 70, APR FC yakomeje gusatira bikomeye izamu rya Zamalek yakiniraga cyane mu rubuga rwayo harimo umupira Hakim Kiwanuka yananiwe gushyira mu izamu, usanga Amani awuhinduye Ouattara awushyira ku mutwe, ujya hanze.

Iminota 10 ya nyuma Zamalek SC yongereye imbaraga isatira izamu rya APR FC bidatinze ku munota wa 89 rutahizamu Nasser Mansy Dessouky Ahmed Elsayed, yatsinze igitego nyuma yo guhagarara nabi kw'abakinnyi bayo bugarira.

Umukino warangiye Zamalek SC yatsinze APR FC igitego 1-0 mu mukino ubanza wa CAF Champions League.

Umukino wo kwishyura uzabera i Cairo ku wa 24 Ukwakira 2026, Ikipe y'Ingabo izaba isabwa kwishyura igitego ndetse ikarenzaho ibindi.

Ikipe izakomeza hagati yazo zombi, izajya mu matsinda ya CAF Champions League.



Fidali yabonye amahirwe yo gutsinda igitego mu mpera z'igice cya mbere biranga

Imvaho Nshya
Siporo



Nº. E-77 TARIKI 13-19 UKWAKIRA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

Rayon Sports yatsinzwe na Black Bulls, icyizere cyo kujya mu matsinda gitangira kuyoyoka

SHEMA Ivan

Rayon Sports yatsinzwe na Black Bulls yo muri Mozambique ibitego 2-0 mu mukino ubanza w'ijonjora rya kabiri rya CAF Confederation Cup wabereye kuri Stade Amahoro, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 17 Ukwakira 2026.

Ni umukino watangiye wegeranye cyane, amakipe yombi acungacungana, bituma n'uburyo bwo kurema igitego buba buke.

Mu minota 20, Ikipe ya Rayon Sports yongereye imbaraga itangira gusatira cyane izamu rya Black Bulls, ariko abakinnyi bayo bakogorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga.

Mu minota 40, Black Bulls yakiniraga inyuma cyane yatangiye kurema uburyo bwo gutsinda harimo ishoti rikomeye ryatewe na Martinho, Umunyezamu wa Rayon Sports, Dande Junior, aratabara awushyira muri koruneri itagize icyo itanga.



Black Bulls yatsinze Rayon Sports ibitego 2-0

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, Black Bulls yatangiranye imbaraga nyinshi bidatinze ku munota wa 54, Abdu Gueye yatsinze igitego n'umutwe ku mupira wari uvuye kuri korineri babanje guhanahana.

Nyuma yo gutsindwa igitego, Rayon Sports yiminjiriyemo agafu isatira izamu rya Black Bulls harimo umupira Junior Kameni yateye ari mu rubuga rw'amahina, umunyezamu aramwitambika awukoraho n'ukuboko ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 62, Black Bulls yashoboraga kubona igitego cya kabiri ku mupira wahinduwe imbere y'izamu, usanga Abdu Gueye wawuteye n'umutwe unyura hafi y'izamu ujya hanze.

Ku munota wa 65, Umutoza wa Rayon Sports yakoze impinduka Sandja Bulaya asimbura Atisso Kodjo.

Mu minota 70, Rayon Sports yakomeje gusatira bikomeye izamu rya Black Bulls harimo umupira Ganijuru Elie yateye ugana mu izamu umunyezamu, Jose Ventura awushyira muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 90+4' Black Bulls yabonye igitego cya kabiri cyatsinzwe na Danilo Muze, ku ishoti rikomeye yatereye mu rubuga rw'amahina nyuma yo guhagarara nabi bw'abakinnyi ba Rayon Sports bugarira.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinzwe na Black Bulls ibitego 2-0, itakaza umukino ubanza w'ijonjora rya kabiri rya CAF Confederation Cup.

Umukino wo kwishyura uzabera i Maputo ku wa 24 Ukwakira 2026, Gikundiro izaba isabwa kwishyura ibitego yatsinzwe ndetse ikarenzaho ibindi.

Ikipe izakomeza hagati y'impande zombi, izajya mu matsinda ya CAF Confederation Cup.



Abdu Gueye ni we watsindiye Black Bulls igitego cya mbere

Giancarlo Davite yegukanye Huye Rally na Shampiyona y'u Rwanda 2026



Giancarlo Davite yegukanye "Huye Rally 2026" bimuhesha no kwegukana Shampiyona y'u Rwanda yo gusiganwa mu modoka ya 2026

SHEMA Ivan

Umunyarwanda Davite Giancarlo ari kumwe na Matteo Davite, yegukanye irushanwa rya Huye Rally 2026', bimuhesha no kwegukana Shampiyona y'u Rwanda yo gusiganwa mu modoka ya 2026.

Huye Rally yakinwaga ku nshuro ya 40 itegurwa na Huye Motorsports Club ku bufatanye n'Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umukino wo Gusiganwa mu Modoka (Rwanda Automobile Club- RAC).

Iri siganwa ngarukamwaka ribera mu Ntara y'Amajyepfo, rigamije kwibuka no guha icyubahiro Gakwaya Claude wakinaga amasiganwa y'imodoka, witabye Imana mu 1986 azize impanuka.

Ku Cyumweru, tariki ya 18 Ukwakira 2026, ni bwo hakinwe umunsi waryo wa kabiri ari na wo wa nyuma, aho habaye uduce tune twakiniwe mu mihanda ya Save-Shyanda na Shyanda-Save, ku ntera y'ibilometero 40.

Davite Giancarlo na Matteo Davite, bari basoje uduce umunani twa mbere bari imbere ku wa Gatandatu tariki ya 17 Ukwakira 2026, bashimangiye umwanya wabo no ku Cyumweru aho basoje isiganwa ryose bakoresheje isaha imwe, iminota 30 n'amasegonda 41 ku ntera y'ibilometero 139 byari bigize irushanwa.

Ponsiano Lwakataka na Lawrence Mwambazi bakomoka muri Uganda, begukanye umwanya wa kabiri basizwe iminota 14 amasegonda 14 naho Gakwaya Claude na Kayibanda Aurore batwaye umwanya wa gatatu basizwe iminota 23 n'amasegonda 53.

Kwegukana Huye Rally ku nshuro ya kane byatumye Giancarlo Davite anegukana Shampiyona y'u Rwanda yo Gusiganwa mu Modoka ya 2026, nubwo ku ngengabihe hagisigaye 'Rally des Mille Collines' izabera i Rwamagana ku wa 28-29 Ugushyingo 2026.

Mu masiganwa atanu amaze gukinwa uyu mwaka, Giancarlo Davite yegukanye ane ari yo Nyirangarama Rally, GMT-Musha Rally, Women in Motosports Sprint Rally na Huye Rally mu gihe yabaye uwa kabiri muri Rwanda Mountain Gorilla Rally.

Huye Rally ya 2026 yari yiyandikishijemo imodoka 16, muri zo 12 ni iz'abakinnyi b'Abanyarwanda, enye zari iz'Abanya-Uganda.



Ku Cyumweru isiganwa ryanyuze mu mihanda y'i Save mu Karere ka Gisagara